
Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-81 17 - 23 UGUSHYINGO 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw




AMAKURU
Jeannette Kagame yashimiye UNICEF imaze imyaka 40 iteza imbere abana b'u Rwanda

2

AMAKURU
U Rwanda rwashimangiye ko rudateganya kuva muri OIF

4

AMAKURU
Ibyagezweho mu myaka 8 Louise Mushikiwabo amaze ayobora OIF

5

MU NTARA
Uko inkongi y'umuriro yabaye intangiriro yo gukizwa kwa Dr. Gahima n'urugendo rwamugejeje ku buyobozi bwa EAR

16

Ishusho y'amatora y'Inzego z'ibanze mu Rwanda 2026



Abaturage bari ku murongo batora uzabayobora

KAMALIZA Agnes

Amatora y'Inzego z'ibanze ya 2026, ari mu bihe by'ingenzi Abanyarwanda bagaragaza ko bamaze gutera intambwe batora abayobozi bazabahagarira kuva ku rwego rw'Umudugudu kugera ku rwego rw'Akarere, Intara no ku rwego rw'Igihugu, akaba agamije kuvugurura inzego z'imiyoborere zegerejwe abaturage, akanagena abazafata ibyemezo mu iterambere ry'abaturage mu myaka itanu iri imbere.

Ni amatora yatangiye ku wa 24 Ukwakira 2026, aho abaturage bagize uruhare mu gutora abayobozi bo ku rwego rw'Umudugudu, bikaba biteganyijwe ko azarangira ku wa 15 Ukuboza 2026, nyuma yo gutora Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore, Urubyiruko n'Abafite Ubumuga.

Mu byiciro bitandukanye by'aya matora, abaturage bagiye bagaragaza ko bishimiye kugira uruhare mu guhitamo abazabayobora, mu gihe n'abatowe bemeje ko imigabo n'imigambi yabo ishingiye ku bibazo by'abo bahagarariye, birimo iterambere, umutekano, imibereho myiza, ubushomeri n'iterambere ry'imiryango.

Amatora yatangiriye ku Mudugudu, abaturage bishimira kwihitiramo abayobozi

Ku wa 24 Ukwakira 2026 hatangiye amatora mu Gihugu hose ku rwego rw'Umudugudu, hatorwa abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu, Inama Njyanama n'abahagarariye ibyiciro bitandukanye birimo abagore n'urubyiruko.

Bamwe mu baturage bo mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali baganiriye na Imvaho Nshya bitabiriye

KOMEZA KU RUP.3

Rotary Rwanda irakusanya miliyari 7,3 Frw zo kugura imashini isuzuma kanseri

IMVAHO NSHYA

Umuryango Rotary mu Rwanda, ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima, watangije gahunda yo gukusanya miliyoni 5 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga miliyari zisaga 7,3 z'amafaranga y'u Rwanda, azakoreshwa mu kugura imashini yihariye isuzuma indwara zitandukanye zirimo kanseri, ikazaba ari iya mbere igejejwe mu Rwanda.

Iyo mashini igezweho izwi nka 'SPECT Scanner (Single Photon Emission Computed Tomography)', yitezweho gufasha abaganga kumenya uko ingingo z'umubiri zikora n'izidakora neza, kumenya niba kanseri yarakwirakwiye mu zindi ngingo no gufasha guhitamo uburyo bukwiye bwo kuvura umurwayi.

Izindi ndwara zisuzumwa n'iyo mashini zirimo indwara z'umutima, izifata ubwonko n'udutsi duto dutwara amakuru zirimo igicuri n'izifata imikorere y'ubwonko nka Parkinson, izijyanye no kuvunika no gukomereka kw'amagufwa cyangwa ubwandu butandukanye, impyiko, Tiroyide ndetse n'ibibazo by'ingingo zimwe na zimwe zo mu mubiri.

Ibi bituma uyu mushinga ufatwa nk'uzagira uruhare mu kwagura ubushobozi bw'u Rwanda mu gusuzuma indwara zikenera ikoranabuhanga ryihariye, no kongera serivisi z'ubuvuzi ziboneka imbere mu gihugu. Ni imashini ibasha gukurikirana uburyo amaraso atembera mu mubiri ndetse n'imikorere y'uturemangingo (cells) bitewe n'igice abaganga bifuza gusuzuma.

Kugeza ubu, serivisi zo gusuzuma

KOMEZA KU RUP.3

Jeannette Kagame yashimiye UNICEF imaze imyaka 40 iteza imbere abana b'u Rwanda



Madamu Jeannette Kagame yashimiye UNICEF uruhare rwayo mu guteza imbere uburenganzira n'imibereho myiza y'abana

MICOMYIZA BARINDA Fidele

Madamu Jeannette Kagame yashimiye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF) imyaka 40 rimaze rifatanya n'u Rwanda mu guteza imbere uburenganzira n'imibereho myiza y'abana, avuga ko ubwo bufatanye bwagize uruhare rukomeye mu guhindura ubuzima bwabo no kububakira ejo hazaza heza.

Yabigarutseho ku wa 20 Ugushyingo 2026, ubwo u Rwanda rwifatanyaga n'Isi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana, hanizihizwa imyaka 40 UNICEF imaze ikorera mu Rwanda, kuva mu mwaka wa 1986.

Uyu muhango wabaye n'umwanya wo kureba ibyagezweho mu kurengera abana, guteza imbere uburenganzira bwabo no kongera kwiyemeza kubashyira imbere muri gahunda z'iterambere ry'Igihugu.

Jeannette Kagame yavuze ko ubufatanye bwa UNICEF n'u Rwanda iyo abutekereje, abona amateka y'uruhare bwagize mu kurokora no kurengera ubuzima bw'abana no kubafasha gukura bafite amahirwe yo kugera ku nzozi zabo.

Yagize ati: "Iyo ndebye muri iki cyumba, sinabona imyaka 40 ya gahunda n'imishinga gusa, ahubwo mbona imyaka 40 y'ubufatanye. Mbona abana barokotse kubera ko bakingiwe indwara, mbona abana barinzwe kubera ko hari abavugira uburenganzira bwabo, mbona abana ubu babaye ababyeyi, abarimu, abaganga, abayobozi n'abahanzi, kubera ko hari abantu babizeye bakiri bato."

Yashimangiye ko umusaruro w'ubu bufatanye ugaragarira mu buzima bw'abantu, kuko iyo ibikorwa bigamije guteza imbere abana bigerwaho, bitagarukira ku mibare gusa, ahubwo bigira uruhare mu kubaka imiryango n'igihugu muri rusange.

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko u Rwanda rumaze gutera intambwe igaragara mu kugabanya imfu z'abana, kubageza mu mashuri, guteza imbere uburezi bw'abakobwa no kurwanya igwingira.

Yashimangiye ko ibyo byagezweho ku bw'ubufatanye bwa Guverinoma, UNICEF, imiryango itari iya Leta, abaturage, ababyeyi ndetse n'abana ubwabo.

Yagize ati: "Ibyo ntibyabayeho ku bw'impanuka. Byagezweho binyuze mu bufatanye. Guverinoma, UNICEF, imiryango itari iya Leta, abaturage, ababyeyi ndetse n'abana ubwabo, buri wese yagize uruhare rwe."

Madamu Jeannette Kagame yashimiye kandi ubufatanye burambye hagati ya UNICEF na Imbuto Foundation, avuga ko mu myaka isaga 20 ishize bafatanyije mu bikorwa bigamije guha abakobwa n'urubyiruko amahirwe yo kwiga no kugera ku bushobozi bwabo.

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée, na we yashimye UNICEF ku bufatanye imaze imyaka 40 igirana n'u Rwanda, avuga ko atari igihe kirekire gusa, ahubwo ari amateka y'ibisekuru by'abana ubuzima bwabo bwahindutse, imiryango yongeye kugira icyizere n'inzego z'igihugu zakomeje gukomera.

Yavuze ko kuva mu 1986, UNICEF yagiye ifatanya na Guverinoma y'u Rwanda mu byiciro bitandukanye by'urugendo rw'iterambere ry'igihugu, by'umwihariko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubwo yagize uruhare mu kongera kubaka imiryango, abaturage n'inzego z'igihugu, ndetse no kwita ku bana bari basigaye badafite ababyeyi.

Yagize ati: "Iyi myaka 40 si umubare gusa cyangwa igihe kirekire, ahubwo ni amateka y'ibisekuru by'abana ubuzima bwabo bwahindutse, n'imiryango yongeye kugira icyizere."

Minisitiri Uwimana yavuze ko hari intambwe imaze guterwa mu burezi, aho abana benshi babona amahirwe yo kwiga, serivisi zita ku mikurire y'abana bakiri bato zikaba zaragutse, ndetse n'imiryango myinshi ikaba ibona amazi meza inagerwa n'ibikorwa by'isuku.



Mu myaka 40 UNICEF imaze ikorera mu Rwanda, yagize uruhare mu guteza imbere ubuzima n'imibereho myiza y'abana

Ku bijyanye no kurengera umwana, yavuze ko u Rwanda rukomeje gushyira mu bikorwa gahunda zo kuvugurura uburyo abana bitabwaho, hagamijwe ko buri mwana akurira mu muryango utekanye, umwitaho kandi umugaragariza urukundo.

Ati: "Buri mwana w'Umunyarwanda akwiriye kugira imibereho myiza no kubona amahirwe yose amufasha gutera imbere, hatitawe ku gitsina cye, ubumuga yaba afite cyangwa imiterere y'umuryango akomokamo."

Umuyobozi wa UNICEF mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba n'Amajyepfo, Etleva Kadilli, yashimye iterambere u Rwanda rumaze kugeraho mu guteza imbere abana, avuga ko ari urugero rugaragaza ibishoboka iyo icyerekezo, ubushake bwa politiki, ubuyobozi n'ibikorwa bifatika bihurijwe hamwe.

Yavuze ko mu myaka 40 ishize, UNICEF yagiranye n'u Rwanda ubufatanye bwimbitse, ariko ko kwizihiza iyo sabukuru atari umwanya wo kureba gusa ibyagezweho, ahubwo ari n'umwanya wo gutekereza ku bindi bigomba gukorwa kugira ngo buri mwana agire ubuzima bwiza n'amahirwe yo gutera imbere.

Yagize ati: "U Rwanda ni urugero rugaragaza ibishoboka iyo icyerekezo, ubushake bwa politiki, ubuyobozi n'ibikorwa bifatika bihurijwe hamwe mu guteza imbere imibereho y'abana.

Mu myaka 40 ishize, twagiranye n'u Rwanda ubufatanye bwimbitse, kandi urugendo rw'iki gihugu rutwigisha ko gukoresha ikoranabuhanga n'imibare mu gufata ibyemezo, kwagura gahunda nziza zikagera ku baturage bose no gushakira ibisubizo imbere mu gihugu ari ingenzi mu kubaka ejo hazaza heza h'abana.

Icyakora, kwizihiza iyi sabukuru si umwanya wo kureba gusa ibyo twagezeho, ahubwo ni n'uwongera kureba ibyo tugomba gukora kugira ngo buri mwana agire ubuzima bwiza n'amahirwe yo gutera imbere."

Mu myaka 40 UNICEF imaze ikorera mu Rwanda, yagize uruhare mu guteza imbere ubuzima n'imibereho myiza y'abana, kurwanya imirire mibi, guteza imbere uburezi n'imikurire y'abana bakiri bato, kurengera uburenganzira bwabo no kubarinda ihohoterwa, ndetse no kubagezaho amazi meza, isuku n'isukura.

Ishusho y'amatora y'Inzego z'ibanze mu Rwanda 2026

IBIKURIKIRA URUP.1

amatora, bagaragaje ko banyuzwe no guhitamo abazabayobora kandi bizeye ko bafatanyije bazagera kuri byinshi.

Mbirije Pascal, utuye mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Kimironko, Umudugudu w'Urugwiro yagize ati: "Icyo tubasaba ni ukutwegera, bakadutega amatwi kugira ngo tuganire ku bikorwa by'iterambere."

Abo mu Karere ka Nyaruguru, Umurenge wa Kibeho, mu Mudugudu wa Sinayi na bo bagaragaje ko bahisemo inyangamugayo kandi zizabera urugero rwiza abo bayobora. Mukamana Beatrice yagize ati: "Nta watubwirije uwo dutora kuko tutamushaka ntabwo twamutora."

Ku wa 31 Ukwakira 2026, amatora yakomereje ku rwego rw'Akagari, hatorwa abahagarariye Utugari mu Nama Njyanama, abahagarariye ibyiciro byihariye birimo; Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Abantu bafite ubumuga, Biro y'Inama Njyanama y'Akagari n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Abagore.

Bamwe mu rubyiruko rwitabiriye amatora mu Mujyi wa Kigali, bagaragaje ko abo batora ari bo bazabaha serivisi, bakanabagerera aho batagera. Kwizera Ivan yagaragaje ko urubyiruko rukeneye abayobozi baruvuganira, cyane cyane mu gukemura ikibazo cy'ubushomeri no kubonera igisubizo imishinga yarwo ibura igishoro.

Ku wa 7 Ugushyingo 2026, amatora yakomereje ku rwego rw'Umurenge, hatorwa abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge, abahagarariye ibyiciro byihariye n'abagize Komite Nyobozi y'inama y'Igihugu y'Abagore, Urubyiruko n'Abafite Ubumuga.

Kayitesi Annonciata, watorewe kuba Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore Mu Murenge wa Musha mu Karere ka Rwamagana, yavuze ko azashyira imbaraga mu gufasha abagore kwiteza imbere no kugira uruhare mu nzego zifata ibyemezo.

Yagize ati: "Nifuza ko abagore bo mu Murenge wa Musha barera abana babo neza, bakabarinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kugira ngo twirinde inda ziterwa abangavu, tuzagire abagore beza b'ejo hazaza."

Ku ruhande rw'abafite ubumuga, Baraturwango Jean Marie Vianney watorewe kuba Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga muri uwo Murenge, yavuze ko azabanza kumenya neza ibibazo by'abo ahagarariye kugira ngo abakorere ubuvugizi.

Yagize ati: "Nzakora igenamigambi, tunoze amakuru ajyanye n'imibare yabo turebe imbogamizi bafite, hanyuma dukore ubuvugizi mu nzego zibishinzwe kugira ngo bafashwe."

Nyuma y'amatora yo ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge, amatora yakomereje ku rwego rw'Akarere, hatorwa abagize Inama Njyanama z'Uturere. Mbere y'ayo matora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) yari yatangaje ko abarenga 1 000 batanze kandidatire zo guhatanira imyanya mu Nama Njyanama z'Uturere 30.

Buri Nama Njyanama y'Akarere igizwe n'abagera kuri 17, barimo abagore batanu, abajyanama rusange umunani n'abahagarariye ibyiciro byihariye bane. Ku wa 14 Ugushyingo 2026, hatowe abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore, Urubyiruko n'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Uturere.

Ku wa 17 Ugushyingo, hatowe abagore batanu bazajya muri buri Nama Njyanama y'Akarere, mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uko abagore bagomba kugira nibura 30% by'imyanya muri izo nama.

Muri icyo cyiciro mu Karere ka Kayonza, Umunyamakuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (RBA) Aimée Bauté Mushashi, watorewe kujya mu Nama Njyanama y'Akarere ka Kayonza, yavuze ko azashyira imbere ubuhinzi bugezweho, cyane cyane ubushingiye ku kuhira. Yagize ati: "Aka Karere tuzi ko kagira imvura nke, bikagira ingaruka ku baturage bakabura umusaruro, rimwe na rimwe bikabashyira mu bibazo by'inzara."

Yongeyeho ko azajya yumva ibibazo by'abaturage, akabakorera ubuvugizi kugira ngo bibonerwe ibisubizo. Ku wa 21 Ugushyingo 2026, hatoranyijwe abandi bajyanama rusange umunani bazajya mu Nama Njyanama y'Akarere.

Mu Karere ka Kayonza, abajyanama batowe biyemeje gushyira imbere gukemura amakimbirane yo mu miryango no kwihangira imirimo hagamijwe guhanga akazi aho kugasaba. Bamwe mu batowe bagaragaje ko bazibanda ku gukemura ibibazo byugarije umuryango kuko ari wo shingiro rya byose.

Kayitare Mpinganzima Pauline yagize ati: "Iterambere rirambye rihera mu muryango, imiryango izigishwa kugira ngo yihangire imirimo n'uko bakora imishinga icyiritse."

Hategekimana Fred we ati: "Ntabwo ugenda wenyine iyo ushaka kugera kure, rero tuzafatanya dukore ubuhinzi n'ubworozi bugezweho."

Ubwo hategurwaga amatora, NEC yatangaje ko izifashisha abakorerabushake bagera ku bihumbi 70, bahuguwe ku mategeko n'amabwiriza agenga amatora ndetse n'inshingano zabo nkuko byemejwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NEC, Musabyimana Jean Claude.

Aba bakorerabushake bafasha mu gutegura no kuyobora ibikorwa by'itora, kwakira abatora, kubasobanurira amabwiriza no gufasha mu kubarura amajwi.

Perezida wa NEC, Oda Gasinzigwa, mu kiganiro yagiranye n'abanyamakuru ku wa 23 Ukwakira 2026, yavuze ko nta mpungenge afite ku migendekere myiza y'amatora, kuko hari indorerezi zizakurikirana ibikorwa byayo hirya no hino mu Gihugu.

Yagize ati: "Indorerezi tuziha agaciro. Hari indorerezi 90 zaturutse mu nzego zitandukanye zizakurikirana aya matora."

Yasobanuye ko raporo z'indorerezi zifasha mu kureba uko uburenganzira bw'abaturage bwubahirijwe no gutanga ibitekerezo byafasha kunoza amatora azakurikiraho.

Nubwo amatora amaze kugera ku rwego rw'Akarere ariko urugendo ntiruranangira kuko hari ibindi byiciro bisigaye birimo; abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Abagore n'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, mu gihe ku wa 30 Ugushyingo hazatorwa abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu.

NEC iteganya ko inzego z'Inama z'Igihugu zizaba zuzuye bitarenze ku wa 15 Ukuboza 2026, naho raporo rusange y'amatora igatangwa bitarenze ku wa 30 Ukuboza 2026. Abazatorerwa izi nshingano bazagira manda y'imyaka itanu, ishobora kongerwa inshuro imwe binyuze mu yandi matora.

Uko amatora agenda azamuka mu nzego, ni ko n'inshingano z'abatowe ziyongera. Kuva ku bayobozi b'Imidugudu kugeza ku Bajyanama b'Uturere, bose baba bafite umukoro wo gushyira mu bikorwa ibyo biyemeje, hashyirwa imbere inyungu z'abaturage.

Rotary Rwanda irakusanya miliyari 7,3 Frw zo kugura imashini isuzuma kanseri

IBIKURIKIRA URUP.1

indwara hakoreshejwe iyi mashini ntiziraboneka mu Rwanda, bigatuma abarwayi bazikeneye boherezwa mu bihugu birimo Kenya, Afurika y'Epfo no mu Buhinde. Akenshi bajyayo bamaze ukwezi cyangwa kurenga bategereje guhabwa iyo serivisi kuko bisaba inzira ndende, kandi bagaherekezwamo n'abagize imiryango yabo.

Minisiteri y'Ubuzima itangaza ko mu Rwanda haboneka abarwayi bashya ba kanseri barenga 12 000 buri mwaka, bigaragaza akamaro ko kubona ibikoresho bijyanye n'igihe bifasha kuyisuzuma hakiri kare no kumenya uko umurwayi yitabwaho. Ibyo bigabanya ibyago byo gutinda guhabwa serivisi z'ubuvuzi ndetse no kugabanya ingengo y'imari yifashishwa n'aboherezwa mu mahanga baherekejwe n'abo mu miryango yabo.

Umushinga wo kugeza iyi mashini mu Rwanda watangijwe na 'Rotary Club of Kigali Virunga', ariko ukaba waraguwe aho kuri ubu urimo amakipe yose ya Rotary akorera mu Gihugu ku bufatanye n'inzego za Leta n'abikorera, mu rwego rwo guhuriza hamwe imbaraga mu kugera kuri iyo ntego.



U Rwanda rugiye kunguka imashini igezweho yitwa SPECT Scanner isuzuma kanseri n'izindi ndwara

Iyo nkunga yatangiye gukusanywa yitezweho gukoreshwa mu kwishyura ibintu byose bikenewe kugira ngo iyo mashini igere mu Rwanda kandi ikoreshwe mu buryo butekanye, uhereye ku kuyitumiza, kuyishyira ahatekanye (installation), guhabwa ibyangombwa byose bikenewe, amahugurwa y'abakozi mu kuyikoresha ndetse no kuyikorera 'maintenance' ya mbere. Biteganyijwe ko iyo mashini izasuzuma abarwayi bagera ku 2 500 mu mwaka wa mbere izaba itangiye gukora.

Imbaraga zashyizwe mu gukusanya inkunga

Uyu mushinga ushyigikiwe na Minisiteri y'Ubuzima, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC), ndetse n'Umujyi wa Kigali, wafashije mu gutegura igikorwa cya mbere cyo gukangurira abaturage kwita ku kwisuzumisha kanseri.

Mu bafatanyabikorwa bo mu rwego rw'abikorera harimo NCBA Bank, RSSB, I&M Bank, BK General Insurance na SKOL Brewery, hamwe n'abandi bateranye ku giti cyabo ndetse n'abanyamuryango ba Rotary Club. Gukusanya inkunga byatangijwe ku wa 28 Werurwe 2026, mu birori byo kwizihiza imyaka 25 Rotary Club of Kigali Virunga imaze ishinzwe, byitabiriwe na Minisitiri w'Ubuzima.

Ku wa 9 Kanama 2026, hanateguwe urugendo rwa 'Kigali Cancer Walk 2026' rwitabiriwe n'abantu ibihumbi, rugamije gukangurira Abanyarwanda kumenya akamaro ko kwisuzumisha kanseri hakiri kare. Iki gikorwa giteganyijwe kujya kiba buri mwaka.

Ubuyobozi bw'uyu mushinga buvuga ko kugeza ubu hamaze kuboneka cyangwa kwemerwa inkunga ingana n'ibihumbi 50 by'amadolari ya Amerika, mu gihe intego ari ugukusanya nibura ibihumbi 500 by'amadolari mu mezi atandatu kugeza kuri 12 ari imbere.

Abategura uyu mushinga kandi bari gushaka andi masosiyete n'ibigo byafatanya na bo, ndetse no kwegera amakipe ya Rotary yo mu mahanga kugira ngo abafashe gukusanya inkunga binyuze muri 'Rotary Foundation'.

Biteganyijwe ko iyo gahunda ishobora kuzabona inkunga ya miliyoni ebyiri z'amadolari ya Amerika itangwa na 'Rotary Foundation' binyuze mu buryo bwihariye bwo gutera inkunga imishinga minini, bingana na 40% by'ingengo y'imari yose ikenewe.

Bizagabanya ikiguzi cy'abarwayi boherezwa mu mahanga

Iyi mashini igezweho nimara kuboneka, izagurwa, ishyirwe muri rimwe mu mavuriro akomeye avura kanseri, ihabwe ibyangombwa byo gukora, hanyuma ishyikirizwe Minisiteri y'Ubuzima, mu gihe abakozi b'Abanyarwanda bazaba bahuguwe kugira ngo bazabashe kuyikoresha.

Abategura umushinga bagaragaza ko kugeza iyi serivisi mu Rwanda bizagabanya amafaranga abarwayi, ibigo by'ubwishingizi n'inzego za Leta bisohora mu ngendo, icumbi n'izindi serivisi zijyana no kohereza abarwayi mu mahanga.

Rotary Club Rwanda irahamagarira ibigo, abafatanyabikorwa mu iterambere n'abantu ku giti cyabo gutanga inkunga kugira ngo uyu mushinga ugerweho.

U Rwanda rwashimangiye ko rudateganya kuva muri OIF

ZIGAMA Theoneste

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Nduhungirehe Olivier, yatangaje ko u Rwanda rudateganya kuva mu Muryango w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF), ashimangira ko rutigeze rufata icyemezo nk'icyo nubwo hari ibibazo byagaragaye mu biganiro bijyanye n'ubuyobozi bwawo.

Yabigarutseho mu kiganiro yagiranye na Televiziyo France 24, nyuma y'inama y'Umuryango w'Ibihugu bikoresha Igifaransa yabereye i Phnom Penh muri Cambodia, aho u Rwanda rwemeye ko Umunyamabanga Mukuru w'uwo muryango, Louise Mushikiwabo, akomeza kuyobora mu gihe cy'amezi 12 nyuma y'impaka nyinshi zari zishingiye ku matora.

Amb. Nduhungirehe yavuze ko icyo cyemezo ari ubwumvikane bwatanzwe n'u Rwanda mu rwego rwo gushaka umuti w'ibibazo byari byavutse, ashimangira ko ayo mezi 12 atari igihe cy'inzibacyuho, ahubwo ko Mushikiwabo azakomeza inshingano ze afite ububasha bwose bujyana n'umwanya ayoboye.

Ati: "Icyo ni igisubizo cy'ubwumvikane cyatanzwe n'u Rwanda kugira ngo ikibazo cyari cyavutse kibonerwe umuti. Ubwo bwumvikane twemeranyijeho buteganya ko Umunyamabanga Mukuru uriho ubu akomeza manda ye mu gihe cy'andi mezi 12.

Icyo ni igihe cy'inshingano zisesuye, aho akomeza gukora afite ububasha n'uburenganzira byose bigenerwa uwo mwanya. Nta na rimwe muri ubwo bwumvikane havugwamo iby'inzibacyuho, ahubwo havugwamo gutera imbere k'Umuryango."

Yunzemo ati: "Muri ayo mezi 12, Madamu Mushikiwabo azatangiza amavugurura ajyanye n'imigendekere y'amatora, ashingiye ku mpungenge Abakuru b'Ibihugu bagaragaje ku buryo amatora akorwa. Hazanavugururwa uburyo imyanya izajya isimburana hagati y'uturere dutandukanye, ndetse harebwe n'uko igihe umuntu amara kuri uwo mwanya cyajya kigira igihe ntarengwa."

Ku bijyanye n'umwuka utari mwiza wagaragaye hagati ya Perezida Paul Kagame na Perezida w'u Bufaransa, Emmanuel Macron, Nduhungirehe yavuze ko yatunguwe n'ibaruwa Macron yandikiye Perezida Kagame, asaba ko ibihugu byombi byakura abakandida babyo mu bahataniraga kuyobora OIF.



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda Nduhungirehe Olivier, yatangaje ko u Rwanda rudateganya kuva mu Muryango w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF)

Yagaragaje ko icyo cyifuzo kitari gikwiye kuko Louise Mushikiwabo n'abandi bakandida bari bafite uburenganzira bwo kwiyamamaza hakurikijwe amategeko agenga uwo muryango.

Yavuze ko u Bufaransa bwatangiye gushyira igitutu ku bihugu bishyigikiye u Rwanda no kuri rwo ubwarwo. By'umwihariko, ibi byatangiye nyuma y'uruzinduko rwa Jean-Noël Barrot i Kinshasa n'urwa Thérèse Kayikwamba i Paris."

Yakomeje agira ati: "Ubutumwa bwanditse Perezida Macron yohereye Perezida Kagame bwarantunguye, kuko nta gihe na kimwe Perezida Macron yari yarigeze aganira na Perezida Kagame kuri icyo kibazo mu buryo butaziguye.

Aba bayobozi bombi bamaze igihe bavugana mu buryo butaziguye, ariko twatunguwe no kwakira ibaruwa isa n'aho iha Perezida Kagame gasopo ya nyuma, imusaba kwemera ko ibihugu byombi bikura abakandida babyo mu irushanwa ryo guhatanira uwo mwanya.

Ibyo ntibyemewe, kuko Madamu Mushikiwabo n'abandi bakandida bari bafite uburenganzira bwo kwiyamamaza hakurikijwe amategeko agenga iryo huriro.

Ubwo ni uburyo bwo gukoresha igitugu bukwiye kuba bwarasigaye mu bihe byashize, kandi ntitubwemera. Ibyo bikorwa bigaragaza ko u Bufaransa bugifite imyumvire y'uko imyanzuro yabwo n'ibyifuzo byabwo ari byo bigomba kurusha agaciro imyanzuro ya politiki y'ibindi bihugu."

Ku kibazo cyo kuba u Rwanda rushobora kuva muri OIF, Minisitiri Nduhungirehe yabihakanye yivuye inyuma, avuga ko nta na rimwe rwigeze rutangaza ko rufite umugambi wo kuwuvamo.

Yavuze ko ahubwo ari Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yatangaje ku mugaragaro ko ishobora kuva muri uwo muryango mu gihe Louise Mushikiwabo yaba yongeye gutorerwa kuyobora.

Yongeyeho ko abona Perezida Macron yaragaragaje intege nke mu kwemera igitutu cya RDC, ashimangira ko bidakwiye ko igihugu kimwe gishyira umuryango mpuzamahanga wose mu bibazo bitewe n'ibyo kitishimiye.

Ati: "Ntibyemewe ko igihugu kiri mu muryango gifata umuryango wose ho ingwate, kikawushyiraho igitutu."

Yagaragaje ko bibabaje kuba u Bufaransa na Perezida Macron baremeye icyo gitutu cya RDC, ariko ashimangira ko ibyo bibazo bidahindura umusanzu w'u Rwanda muri OIF.

Icyo u Rwanda ruvuga ku bufatanye n'ibihugu 5 bya EU mu kwakira abimukira

NTAWITONDA Jean Claude

"U Rwanda ni igihugu cyakira neza impunzi n'abimukira, kandi rwiyemeje gukorana n'abafatanyabikorwa barwo b'i Burayi kugira ngo abimukira bahabwe igisubizo kirengera umutekano wabo, cyemewe n'amategeko kandi cyubahiriza agaciro n'uburenganzira bya muntu."

Ubwo butumwa bwatanzwe na Minisitiri w'Umutekano w'Imbere mu Gihugu, Dr. Biruta Vincent nyuma y'ibiganiro yahuriyemo n'abahagarariye ibihugu bitanu byo mu Muryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) ari byo Autriche, Danimarike, u Budage, u Bugereki n'u Buholandi i Vienne muri Autriche.

U Rwanda n'ibyo bihugu bitanu, bikomeje mu biganiro bigamije kureba uburyo mu Rwanda hashobora gushyirwaho ikigo cy'icyitegererezo cyakira abimukira batemerewe gukomeza gutura muri ibyo bihugu, nyuma yo gufatirwa ibyemezo byo gusubizwa mu bihugu bakomokamo cyangwa ahandi bemerewe gutura.

Minisitiri Dr. Vincent Biruta yavuze ko iyi gahunda igamije gushakira ikibazo cy'abimukira ibisubizo birambye, hashingiwe ku bufatanye bungana kandi bugirira inyungu impande zombi, hubahirizwa amategeko n'uburenganzira bwa muntu.

Dr. Biruta yasobanuye ko gusubiza abimukira mu bihugu bakomokamo cyangwa mu bindi bihugu bemerewe guturamo ari imwe mu nzira zo gukemura ibibazo biterwa n'abimukira bari mu bihugu by'u Burayi mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

Avuga ku musanzu w'u Rwanda, Minisitiri Dr. Biruta Vincent yakomeje agira ati: "Muri icyo gihe kandi, tuzaba tugira uruhare mu gukosora ubusumbane buri ku rwego rw'Isi mu mahirwe yo kwiteza imbere mu bukungu, kuko ari imwe mu mpamvu zikomeye zitera abantu kwimuka mu buryo bunyuranyije n'amategeko, harimo n'Abanyafurika."



U Rwanda ruri mu biganiro byo kuba hashyirwaho ikigo cy'icyitegererezo cyakira abimukira

Yagaragaje ko nubwo hari abimukira baba barafatiwe ibyemezo byo gusubizwa mu bihugu bakomokamo cyangwa kuvanwa ku butaka bw'ibihugu by'u Burayi, hari imbogamizi zituma ibyo byemezo bidashyirwa mu bikorwa uko bikwiye.

Iki kigo giteganywa gishobora kuba imwe mu nzira zo gukemura izo mbogamizi, ndetse kikagira uruhare mu guca intege ibikorwa by'ubucuruzi bw'abantu, aho ababyungukiramo bifashisha intege nke z'abimukira bakabashora mu ngendo ziteje akaga bashaka kugera i Burayi.

Abazajya bakirwa muri iki kigo

Umushinga w'iki kigo ugenewe abantu binjiye mu buryo bunyuranyije n'amategeko muri kimwe muri ibyo bihugu bitanu, ariko bakaba barafatiwe icyemezo gishobora gushyirwa mu bikorwa cyo gusubizwa mu gihugu bakomokamo cyangwa kuvanwa ku butaka bw'icyo gihugu.

Ibi bivuze ko kitazajya cyakira abantu bakeneye uburinzi mpuzamahanga cyangwa abafite izindi mpamvu zemewe n'amategeko zituma bemererwa gukomeza kuba muri ibyo bihugu.

Abazajya bakirwa bazahabwa amahirwe yo kwinjira no kubaho mu muryango nyarwanda, ariko kandi bazagira n'uburenganzira bwo guhitamo gusubira mu bihugu bakomokamo ku bushake cyangwa kujya mu kindi gihugu bemerewe guturamo.

Mu gihe hari abemerewe gutura mu kindi gihugu, bazafashwa n'imiryango mpuzamahanga ndetse n'u Rwanda mu buryo bwo kuborohereza kugerayo no kwinjira mu buzima bw'icyo gihugu. Abifuza gusubira mu bihugu bakomokamo na bo bazahabwa ubufasha bukenewe.

Minisitiri Dr. Biruta yashimangiye ko iki kigo kizashingira ku mahame y'ubufatanye bungana, kandi ko kitazaba igisubizo ku kibazo cy'abimukira n'umutekano wabo gusa, ahubwo kizaba n'umusingi wo guteza imbere ubundi bufatanye hagati y'u Rwanda n'ibihugu by'u Burayi.

Yakomeje agira ati: "Turizera ko ubu bufatanye amaherezo buzafasha kurokora ubuzima bw'abantu, binyuze mu gufasha guhagarika ibikorwa by'abacuruza abantu mu buryo bunyuranyije n'amategeko, bungukira mu gushora abimukira mu ngendo zigoye cyane kandi zishyira ubuzima bwabo mu kaga, kandi zikorwa mu bihe byo kwiheba."

Amategeko n'uburenganzira bwa muntu bizubahirizwa

Umushinga w'iki kigo uteganyijwe gushyirwa mu bikorwa hubahirizwa amategeko y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi, ay'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga, cyane cyane ajyanye no kurengera uburenganzira bwa muntu.

Mu biganiro harimo na Komisiyo y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi, iri mu rwego rw'indorerezi, ikagira uruhare mu kureba uko ingingo z'amasezerano zashyirwa mu bikorwa hubahirijwe amategeko y'uwo muryango.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Abimukira (IOM) na ryo ritanga ubufasha mu bijyanye n'ubumenyi n'ubuhanga bwa tekiniki ku mikorere y'ikigo, ndetse ryiteguye gufasha mu kwita ku bimukira no kubarengera mu gihe Guverinoma y'u Rwanda yaba ibisabye.

Ku rundi ruhande, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR) ririmo kugirana ibiganiro n'impande bireba, hagamijwe kurinda ubusugire bwa gahunda zo gutanga ubuhungiro no gukomeza kurengera abantu bose bafite uburenganzira bwo guhabwa uburinzi mpuzamahanga.

UNHCR inatanga inama ku bijyanye no kureba niba imikorere y'iki kigo izubahiriza amahame mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu.

Abimukira ba mbere bashobora kugezwa mu Rwanda mu 2027

U Rwanda n'ibihugu bitanu by'u Burayi birimo gukomeza ibiganiro ku buryo bwitondewe, hagamijwe kugera ku masezerano ashyiraho ikigo n'uburyo kizajya gikora.

Intego ni uko ibiganiro byabyara amasezerano yemeranywaho n'impande zose, ku buryo abimukira ba mbere babarirwa mu 100 bashobora gutangira kwimurirwa mu Rwanda bitarenze mu 2027.

Dr. Biruta yavuze ko u Rwanda rwiteguye gukorana n'abafatanyabikorwa barwo b'i Burayi mu gushaka ibisubizo byubahiriza umutekano, amategeko, agaciro n'uburenganzira bya muntu.

Yagaragaje kandi ko ubu bufatanye bushobora kugira uruhare mu gukemura zimwe mu mpamvu zituma abantu bimuka mu buryo bunyuranyije n'amategeko, zirimo ubusumbane mu mahirwe yo kwiteza imbere mu bukungu.

Yashimangiye ko kimwe mu byitezwe kuri iyi gahunda ari ugufasha kurokora ubuzima bw'abantu, binyuze mu guca intege abacuruza abantu babashora mu ngendo ziteje akaga, akenshi bakazikora bari mu bihe bikomeye by'ubuzima.

U Rwanda rwiyemeje gukomeza gukorana n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga mu gushakira abimukira ibisubizo birambye, byubahiriza amategeko kandi birengera agaciro ka muntu.

Karongi: Impinduka ku mibereho y'abarenga 130 000 begerejwe amazi meza



Uruganda rwubatswe mu mushinga wa Kivu Belt Water Supply System rwatangiye gutanga amazi ku baturage ba Karongi



Abaturage ba Karongi bishimira ko WASAC yabahaye amazi meza

KAYITARE Jean Paul

Abaturage batandukanye bo mu Karere ka Karongi, mu Ntara y'Iburengerazuba, barishimira ko begerejwe amazi meza kandi ahagije nyuma y'uko WASAC Group yujuje uruganda rushya ruyatunganya. Bavuga ko kubona amazi meza hafi byahinduhuye imibereho yabo.

Uruganda rushya rwubatswe mu mushinga wo kugeza amazi meza mu bice bitandukanye byo ku nkengero z'Ikiyaga cya Kivu (Kivu Belt Water Supply System), ugamije gukemura ikibazo cy'ibura ry'amazi cyari kimaze igihe kigaragara mu Karere ka Karongi, by'umwihariko mu Mirenge ya Bwishyura na Rubengera.

Abaturage bavuga ko kubona amazi byari ikibazo gikomeye, kuko hari igihe bayabonaga ari make binyuze mu isaranganya, abandi bagakora ingendo ndende bajya kuyashaka.

Uwitwa Fillette Mutuyimana, avuga ko kubona amazi hafi byahinduye imibereho y'umuryango we. Ati: "WASAC imaze kutugezaho amazi meza mu rugo, byabaye nk'igitangaza. Nkanjye mfite umwana, kumufurira biroroshye. Turya ibiryo bisukuye kandi dufite n'isuku ku mubiri."

Mugenzi we, Nyirafaranga Zilipa, utuye mu Kagari ka Ruragwe, mu Mudugudu wa Nyagatovu, mu Murenge wa Rubengera, avuga ko mbere yo kubona amazi meza, bo n'abandi baturage bavomaga mu mugezi wa Kavungo cyangwa mu binamba byo mu gace ka Gahama, amazi bakoresha mu kumesa no gukarabya abana.

Ashimangira ko kuva WASAC Group yabagezaho amazi meza, abaturage batakivoma mu Mugezi wa Kavungo.

Ati: "Mu gihe cy'izuba byari bigoye kubona amazi, kuko aho twayakuraga hari ahantu haterera. Ubu turashimira WASAC Group yatwegereje amazi meza, ntitukivunika."

Ibigo bitandukanye na byo byagejejweho amazi meza

Uretse abaturage, ibigo bitandukanye birimo amashuri n'ibigo nderabuzima na byo byagejejweho amazi meza binyuze mu mushinga wa Kivu Belt Water Supply System.

Sibonama Jean Marie Vianney, Umuyobozi w'Ishuri Ribanza rya Rutabo rihereereye mu Murenge wa Rubengera, avuga ko mbere ishuri ryakoreshaga amafaranga menshi rigura amazi akoreshwa mu mirimo itandukanye, irimo gutekera abanyeshuri, kuhira imboga no gukora isuku.

Ati: "Twakeneraga amajerekani agera ku 100 ku munsi, buri jerekani tukayigura hagati y'amafaranga 150 na 200, tukayatumiza ku banyonzi. Byari umutwaro ku ishuri, kuko kwishyura ayo mafaranga byatugoraga, bigatuma hari igihe dukoresha amazi yo mu bigega. Ubu twishimira ko WASAC yaduhaye amazi meza mu kigo."

Ntawumenyumunsi Anastase, utekera abanyeshuri kuri EP Rutabo, avuga ko mbere kubona amazi yo gukoresha mu gutegura amafunguro y'abanyeshuri byari ingorabahizi. Icyakora, kuva ikigo cyabo cyagezwaho amazi meza, ubu ngo biroroshye kuko basigaye bategura amafunguro ku gihe, bikanabafasha kubungabunga isuku yo mu gikoni.



Amazi meza yagejejwe mu bigo by'amashuri (Ifoto Olivier Tuyisenge)

Muhire Jean de Dieu, Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Kibuye, na we avuga ko amazi ya WASAC Group afasha ikigo mu bikorwa bitandukanye, birimo kwita ku barwayi no kubungabunga isuku.

Ati: "Mbere twabonaga amazi kabiri mu cyumweru. Ariko nyuma y'uko bongereye amavomo mu Mujyi wa Karongi n'ingano y'amazi atangwa ikiyongera, ubu amazi atugeraho iminsi yose y'icyumweru. Ntabwo tugikoresha amazi yo mu Kivu."

Kwihangana Evariste, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubutaka n'Ibikorwa remezo mu Karere ka Karongi, avuga ko ibikorwa byo kugeza amazi meza ku baturage bimaze gutera imbere, aho buri Mudugudu wo muri ako karere ugeramo amazi.

Ati: "Igipimo cy'ababona amazi meza muri Karongi kigeze kuri 92%. Twishimira ko abaturage bacu babasha kubona amazi meza. Turabasaba gufata neza ibikorwa remezo by'amazi bagejejweho kugira ngo bakomeze kurangwa n'isuku."

Bimenyimana Robert, Umuvugizi wa WASAC Group, avuga ko mbere y'uko uruganda rushya rwuzura, amazi yabonekaga mu Karere ka Karongi yari make ugereranyije n'ayakenerwaga n'abaturage n'ibindi bihakorera.

Ati: "Inganda zari zihasanzwe zatunganyaga amazi make angana na metero kibe 3 300 gusa ku munsi, bikaba bitari bihagije kugira ngo zitange amazi akenewe n'ingo, ibigo by'ubucuruzi, amahoteli n'ibindi bikorwa byakira ba mukerarugendo i Karongi."

Yakomeje avuga ko ibyo byatumaga amazi asaranganywa mu bice bitandukanye, ku buryo bamwe mu baturage batabonaga amazi buri gihe, abandi bagakora ingendo ndende bajya kuyashaka ku mavomo rusange.

Ati: "Nyuma yo kuzura k'uruganda rushya rufite ubushobozi bwo gutunganya metero kibe 13 000 z'amazi ku munsi, turashishikariza abaturage kuyafata bakayageza mu ngo zabo no kujya bishyura serivisi z'amazi ku gihe. Ibyo bizadufasha gukomeza kugeza amazi meza no mu bindi bice atarageramo."

Umushinga ugeza amazi ku baturage barenga 130 000

Umushinga wa Kivu Belt Water Supply System washyizwe mu bikorwa na WASAC Group ku nkunga ya Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB). Watangiye muri Nyakanga 2023, urangira muri Mata 2026, ugamije gukemura ikibazo cy'amazi make mu Karere ka Karongi, by'umwihariko mu Mirenge ya Bwishyura na Rubengera.

Uyu mushinga ugeza amazi meza ku baturage barenga 130 000. Hanubatswe imiyoboro y'amazi ifite uburebure bwa kilometero 97 n'amavomo rusange 86, hagamijwe korohereza abaturage kubona amazi meza hafi y'aho batuye.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Ijambo ry'Ibanze

Kwiyubakira ibikorwa remezo ni umusingi w'iterambere rirambye

Buri mwaka, Guverinoma y'u Rwanda igena ingengo y'imari yo kubaka no guteza imbere ibikorwa remezo bitandukanye birimo imihanda, amashanyarazi, amazi, amashuri, amavuriro n'inyubako zitangirwamo serivisi zitandukanye. Icyakora, hari abaturage bafata iya mbere ntibategereze ko ibyo bikorwa bibageraho binyuze muri gahunda za Leta, ahubwo bagafatanya kubyiyubakira.

Mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali, hari abaturage bishyize hamwe bakusanya ubushobozi bwo kwiyubakira imihanda, batanga ubuhamya bw'ukuntu byahinduye imibereho yabo. Ababikoze basanga hari ibikorwa by'iterambere bashobora kwikorera, mu gihe Leta na yo ifite ibindi byinshi by'ingenzi ishinzwe gukemura.

Iyo mihanda akenshi iba ari iyinjira muri za karitsiye, ihuza imiturire n'imihanda minini, cyane ko iyo minini yubakwa n'Umujyi wa Kigali n'izindi nzego zibishinzwe. Uretse imihanda, hari n'abaturage bishyira hamwe bakiyubakira ibiro by'Inzego z'ibanze kugira ngo serivisi zibegere kandi zitangirwe ahantu hakwiye. Hari n'abandi bafatanya kubaka amashuri, amavuriro n'ibindi bikorwa remezo bifitiye akamaro imibereho yabo.

Iyo abaturage bahurije hamwe amafaranga, imbaraga n'ibitekerezo kugira ngo bikemurire ibibazo bibugarije, baba bagaragaje umuco wo kwigira, ubufatanye n'ubwitange. Ni isomo rikomeye ry'uko iterambere ridakwiye gufatwa nk'inshingano z'ubuyobozi gusa, ahubwo ko n'abaturage ubwabo bagomba kugira uruhare mu kurigeraho.

Nta gushidikanya ko ibikorwa nk'ibi bikwiye gushimwa no gushyigikirwa. Iyo abaturage biyubakiye ikiraro kibafasha kugera ku masoko, umuhanda woroshya ubuhahirane cyangwa ikindi gikorwa remezo kibateza imbere, baba bagize uruhare mu guhindura imibereho yabo no guteza imbere Igihugu muri rusange.

Uruhare rw'abaturage mu kwiyubakira ibikorwa remezo ni imbarutso y'ubufatanye hagati y'inzego z'ubuyobozi n'abaturage. Leta n'abaturage baba bahurije hamwe imbaraga, buri wese agasohoza inshingano ze, ndetse bakaba banazifatanya mu gihe bibaye ngombwa mu iterambere ry'Igihugu.

Abaturage biyubakira ibikorwa remezo baba bagaragaje ubutwari bwo kwishakamo ibisubizo ndetse banatanze urugero rw'uko ubufatanye ari imwe mu nkingi zikomeye z'iterambere nk'uko umugani ubivuga uti: "Abishyize hamwe nta kibananira."

Ubwanditsi

Dr. Nsengiyumva yeretse Afurika amasomo yakwigira ku Rwanda mu buzima

TWAGIRA Wilson

Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr. Justin Nsengiyumva yagarutse ku masomo ane Umugabane w'Afurika ukwiye kwigira ku Rwanda mu rwego rwo kwishakamo ibisubizo mu guteza imbere urwego rw'ubuzima, arimo Mituweli, kwitegura guhangana n'ibyorezo, guhanga no kwihaza mu rwego rw'inkingo n'imiti no gushaka ubushobozi bw'imbere mu by'ubuvuzi.



Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda Dr. Nsengiyumva Justin yavuze ko Afurika ikwiye guharanira kwishakamo ibisubizo mu guteza imbere urwego rw'ubuzima

Yabitangaje kuri uyu wa Mbere, tariki ya 23 Ugushyingo 2026, ubwo yari ahagarariye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame mu Nama Npuzamahanga ya gatanu yiga ku Buzima Rusange muri Afurika (CPHIA), iri kubera i Addis Ababa muri Ethiopia.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye iyi nama, Dr. Nsengiyumva yavuze ko inkunga z'amahanga zigenerwa urwego rw'ubuzima muri Afurika zikomeje kugabanyuka cyane, mu gihe ibibazo by'indwara n'ibindi byago byibasira ubuzima bw'abaturage bikomeje kwiyongera.

Yavuze ko Afurika idakwiye gukomeza kwishingikiriza ku bandi kugira ngo ibone ubushobozi bwo gukemura ibibazo by'ibanze by'ubuzima, ahubwo ko ikwiye kwiyemeza kubyikorera. Yagize ati: "Ibi ntibivuze kwitandukanya n'ubufatanye n'abandi. Ahubwo ni ugushyiraho ubufatanye bushya, aho Afurika ari yo igena ibyihutirwa kandi ikayobora ishyirwa mu bikorwa ryabyo, inkunga ituruka hanze ikaza ishyigikira ibyo byihutirwa."

Yagaragaje ko u Rwanda rwungutse amasomo atandukanye mu kubaka urwego rw'ubuzima rukora neza nubwo rufite ubushobozi buke, ndetse no guhangana n'ibyorezo bitandukanye byagiye birwibasira mu myaka ishize.

Uruhare rwa Mituweli mu guteza imbere ubuvuzi

Mu masomo ane Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda Dr Nsengiyumva Justin yagaragaje ko Afurika yakwigira ku Rwanda, irya mbere ryibanze ku gushaka ubushobozi bw'imbere mu gihugu butuma serivisi z'ubuzima zibasha kugera ku baturage benshi.

Yavuze ko gahunda y'Ubwisungane mu Kwivuza (Mituweli), yashyizweho mu Rwanda, ari urugero rw'uko ibisubizo bishingiye ku bushobozi bw'imbere mu gihugu bishobora gufasha abaturage kubona ubuvuzi nubwo umutungo wabwo waba udahagije.

Yagaragaje ko mu myaka isaga 25 imaze ishyizweho, Mituweli yafashije kugeza ubwishingizi bw'ubuzima ku Banyarwanda bagera kuri 89%, inongera ubushobozi bwo kubona imiti y'ibanze n'ubuvuzi bw'indwara zisaba kuvurwa n'inzobere.

Minisitiri w'Intebe yavuze ko mu mwaka wa 2026 u Rwanda rwashyizeho uburyo bushya bwo gutanga umusanzu wa Mituweli bushingiye ku bushobozi bw'amafaranga buri muturage afite, ku buryo abafite ubushobozi bwinshi batanga menshi, mu gihe abatishoboye cyane bishyurirwa na Leta.

Yagaragaje ko kuri ubu abaturage batanga 37% by'amafaranga akoreshwa muri iyi gahunda, mu gihe 63% asigaye atangwa na Leta n'abikorera

Yavuze kandi ko u Rwanda rwashyizeho uburyo bworoshereza abaturage kwishyura, runagura serivisi zishyurirwa hakoreshejwe Mituweli, zirimo kuvura kanseri, gusimbuza impyiko no kubagwa indwara z'umutima.

Gutegura inzego z'ubuzima mu guhangana n'ibyorezo

Dr. Nsengiyumva yagaragaje ko isomo rya kabiri u Rwanda rusangiza Afurika, ari ugutegura inzego z'ubuzima mbere y'uko ibyorezo byaduka, aho gutegereza ko byagera mu gihugu kugira ngo hatangire gushakwa ibisubizo.

Yatanze urugero rw'icyorezo cya Marburg cyagaragaye mu Rwanda mu 2024, avuga ko igihugu kitagombaga kubanza kubaka uburyo bwo guhangana na cyo bushya, kuko cyahise gikoresha inzego n'ubushobozi byari bisanzwe bihari.

Yavuze ko muri icyo gihe Abajyanama b'Ubuzima basuzumye abantu basaga miliyoni 9,5 mu Rwanda rutuwe n'abaturage bagera kuri miliyoni 14, kandi ko icyorezo cya Marburg cyagenzuwe no kukirandura mu gihe cy'amezi atatu gusa.

Yagaragaje ko icyo cyorezo cyahitanye 22% by'abacyanduye, akaba ari cyo gipimo gito cy'imfu cyari kibayeho mu byorezo bya Marburg byabayeho, kuko mu bihe byashize cyagiye gihitana abantu bagera ku icyenda ku 10 bacyanduye.

Yashimangiye ko ubushobozi nk'ubwo budakwiye kubakwa ari uko icyorezo cyadutse gusa, ahubwo ko ibikoresho byo gusuzuma indwara, gukurikirana uko zikwirakwira, abakozi bahuguwe n'uburyo bwo gutabara byihutirwa bigomba kuba mu bigize gahunda zisanzwe z'urwego rw'ubuzima.

Yagarutse kandi ku kamaro k'ubufatanye hagati y'ibihugu mu guhangana n'ibyorezo, atanga urugero rw'imikoranire y'u Rwanda, Kenya na Uganda byagize mu guhana amakuru mu gihe cya COVID-19, byafashije ibyo bihugu gusuzuma ibyago no gufata ingamba zihuriweho.

Louise Mushikiwabo yongerewe amezi 12 ku buyobozi bwa OIF



Madamu Mushikiwabo Louise

NTAWITONDA Jean Claude

Umukandida w'u Rwanda, Madamu Louise Mushikiwabo, yongerewe umwaka umwe, ku buyobozi bw'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango Mpuzamahanga w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF) nyuma y'uko Abakuru b'Ibihugu bigize uwo muryamgo bananiwe kumvikana mu matora. Iki gihe cyongerewe Mushikiwabo kije nyuma y'uko amaze kuyobora uyu Muryango kuva muri Mutarama 2019, ubwo yatangiraga manda ye ya mbere, akaba yarongeye gutorerwa manda ya kabiri mu 2022.

Mu gihe yari ahataniye kongera gutorerwa manda ya gatatu y'imyaka ine, Mushikiwabo yari ahanganye na Coumba Bâ wo muri Mauritania na Dacian Cioloș wahoze ari Minisitiri w'Intebe wa Romania, nyuma y'uko Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ikuyeho umukandida wayo, Juliana Amato Lumumba.

Icyemezo cyo kongera amezi 12 Louise Mushikiwabo ku buyobozi bwa OIF kijyanye n'ubwumvikane ku buryo inzibacyuho y'ubuyobozi bwa OIF izakorwa, mu gihe u Rwanda rutazongera gutanga umukandida ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru w'uyu muryango nyuma y'icyo gihe.

Mushikiwabo ni umwe mu Banyafurika bayoboye imiryango mpuzamahanga, akaba yaragaragaje ko ashyira imbere ubufatanye hagati y'ibihugu bikoresha Igifaransa, guteza imbere ururimi rw'Igifaransa n'uruhare rw'Afurika mu ruhando mpuzamahanga.

U Rwanda rwahagaze kuri Mushikiwabo

Mu biganiro byamuhuje na Perezida w'u Bufaransa, Emmanuel Macron byaranzwe n'impaka zikomeye ku kibazo cy'amatora y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF/ Francophonie), Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yashimangiye ko Louise Mushikiwabo agomba gukomeza kandidatire ye.

Ibi biganiro byabaye mu gitondo cyo ku Cyumweru tariki ya 15 Ugushyingo 2026, mu gihe i Phnom Penh muri Cambodia haberaga Inama ya 20 ya OIF, nk'uko byemejwe n'ikinyamakuru Jeune Afrique mu nkuru cyasohoye kigaragaza bimwe mu byaranze ibyo biganiro.

Jeune Afrique ivuga ko Perezida Kagame yabwiye mugenzi we w'u Bufaransa ko afite uruhare mu bwumvikane buke bwavutse muri iyi nama ku birebana n'ugomba kuyobora OIF, kubera ibyo ashaka kugeraho bihabanye n'inyungu z'uyu Muryango. Perezida Kagame yamubwiye ko ari we uri kuba "impamvu shingiro yihariye itera uko kutumvikana" muri iyi nama, amunenga kandi uburyo ashaka gutegeka ibindi bihugu uko bigomba gufata ibyemezo.

Perezida Macron yagerageje kwisobanura, ariko Jeune Afrique ivuga ko bitabashije gutuma ibiganiro bigaruka mu murongo mwiza. Nyuma y'ibi biganiro, u Rwanda rwakomeje gushimangira ko Louise Mushikiwabo akomeza kuba umukandida ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru wa OIF. Mu ijambo yavugiye mu muhango wo gutangiza Inama ya 20 ya OIF ku wa 15 Ugushyingo, Perezida Macron yongeye kugaruka ku kamaro ko kubanza kumvikana ku muntu uzayobora uyu muryango.

Yavuze ko kwaguka kwa OIF kuyisaba kubaka ubwumvikane kugira ngo ibungabunge ubumwe bwayo, ati: "Tugomba kurinda ikiyigira umuryango ukomeye, ari cyo ubumwe bwawo." Yongeyeho ko Francophonie bashaka atari iyihugiraho cyangwa irangwa n'amacakubiri imbere muri yo.

Ku rundi ruhande, Louise Mushikiwabo na we yagarutse ku kibazo cy'ubumwe, avuga ko kuba ibihugu bigize OIF bifite ibitekerezo n'imyanya bitandukanye bidakwiye gufatwa nk'ikibazo, ati: "Ubumwe bwa OIF ntibusaba ko ibitekerezo by'abanyamuryango biba bimwe."

Yagaragaje kandi ko OIF ari urubuga rukomeye rwa Politiki ruhuriza hamwe ibihugu bifite ingano zitandukanye kandi biri ku migabane itandukanye, ashimangira ko atari Umuryango wo guhangana, asaba buri wese kwirinda akayihayiho ko kuwuhindura politiki y'igihugu kimwe n'ikindi bishobora kuwucamo ibice.

Ijambo rya Mushikiwabo ryagaragaye nk'igisubizo ku mpaka zari zimaze iminsi zigaragara mu bihugu bigize uyu Muryango, aho hari ibishaka ko habaho ubwumvikane ku mukandida umwe, ibindi bigashimangira ko amategeko agomba kubahirizwa, harimo no gutora igihe ubwumvikane butabonetse.

U Rwanda rwanze icyifuzo cya Macron

Jeune Afrique ivuga ko mu ijoro ryo ku wa 12 rishyira ku wa 13 Ugushyingo 2026, Perezida Macron yari yasabye Perezida Kagame gukuraho kandidatire ya Louise Mushikiwabo, uri guhatanira manda ya gatatu ku buyobozi bwa OIF.

Macron yashakaga ko haboneka umukandida wumvikanwaho n'ibihugu byinshi, akaba yari ashyigikiye uwahoze ari Minisitiri w'Intebe wa Romania, Dacian Cioloș kugira ngo hatabaho amatora ashobora kurushaho gukurura amacakubiri muri uyu Muryango.

Icyakora, u Rwanda ntirwemeye icyo cyifuzo. Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Olivier Nduhungirehe, yagarutse kuri iki kibazo mu nama y'Abaminisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'ibihugu bigize OIF yabaye ku wa 14 Ugushyingo.

Yavuze ko u Rwanda rudateganya gukuraho umukandida warwo, ashimangira ko rutabikora cyane cyane mu gihe rwaba rubisabwe mu buryo bwo kurushyiraho igitutu. Jeune Afrique ivuga ko iki cyemezo cy'u Rwanda cyatumye mu ntumwa zitabiriye iyo nama havuka impaka zikomeye.

Uko inkongi y'umuriro yabaye intangiriro yo gukizwa kwa Dr. Gahima n'urugendo rwamugejeje ku buyobozi bwa EAR



Arikiyepisikopi w'Itorero Angilikani mu Rwanda (EAR), Dr. Manasseh Gahima yavuze urugendo rw'uko yakijijwe (Ifoto: Tuyisenge Olivier)

KAYITARE Jean Paul

Arikiyepisikopi w'Itorero Angilikani mu Rwanda (EAR), Dr. Manasseh Gahima, yatangaje ko yakiriye agakiza mu buryo budasanzwe, kuko atari mu rusengero cyangwa mu giterane cy'ivugabutumwa, ahubwo byabaye nyuma y'inkongi y'umuriro yafashe inzu yari atuyemo mu Karere ka Nyagatare, mu Ntara y'Iburasirazuba.

Ni ubuhamya avuga ko bwahinduye ubuzima bwe burundu, bukamubera intangiriro y'urugendo rwo kwizera rwaje kumugeza ku nshingano zo kuyobora Itorero Angilikani mu Rwanda, nyuma yo gutorerwa uwo mwanya n'Inama Nkuru y'Abayobozi b'iri torero muri Nzeri 2026.

Mu kiganiro cyihariye yagiranye na Imvaho Nshya, Dr. Gahima yagarutse ku buryo iyo nkongi y'umuriro yamubereye isomo rikomeye ryatumye afata icyemezo cyo kwihana no kwakira agakiza. Avuga ko yakiriye agakiza mu 2001, mu gihe yari Umuyobozi w'icyahoze ari Umujyi w'Umutara i Nyagatare, nyuma y'igihe yari amaze akora inshingano zo kuyobora Komini Karangazi.

Nk'uko abyivugira, ibyabaye uwo munsi byamuteye ubwoba bukomeye cyane nyuma yo kubona umuriro wafashe radiyo yari mu cyumba yari aryamyemo hamwe n'umwana we w'imfura. Icyamutangaje kurushaho ni uko nubwo radiyo yari kwaka cyane, inzitiramubu n'uburiri bari baryamyemo bitafashwe n'umuriro, ahubwo umwotsi ukwira mu nzu yose.

Arikiyepisikopi Dr. Gahima yagize ati: "Ni inkuru ndende y'uburyo nakiriye agakiza, njyewe ni Imana yansanze, ntabwo nari mu rusengero ngo bavuge ubutumwa numve mfashijwe ngo njye imbere kwihana ibyaha, si ko byangendekeye."

Yakomeje agira ati: "Njyewe nakijijwe ndi njyenyine mu nzu, ibibazo nahuye na byo by'inzu yanjye no gufatwa n'umuriro igashya, byamviriyemo gukizwa. Hari mu 2001 ku itariki 28 Gicurasi, uwo munsi nari niriwe nk'abandi njya kuryama bisanzwe, icyo gihe umugore yari yagiye mu muryango wabo i Gisenyi ariko ndi kumwe n'umukobwa wacu w'imfura […].

Nkunda kumva umuziki woroheje nkasinzira, noneho n'umugore wanjye ntiyari ahari ngo turaganira, nshyiraho radiyo ariko amashanyarazi uwo mugoroba arabura, ncana buji. Uko nagashyize buji ku musego numva umuziki ndasinzira noneho ya buji irashira, umuriro ufata ikiradiyo, kiraka, nakangutse biturika umuriro wuzuye icyumba.

Ariko imbabazi z'Imana ntushobora kuzumva, twari dufite inzitiramubu kandi ndyamanye n'akana, inzitiramubu ntiyafashwe n'umuriro, ikiradiyo cyarakaga umuriro wuzuye, nkangukira mu muriro na bya bitotsi, ngira ngo uko nabonye umuriro byari birenze uko umuriro wanganaga. […] nkubwize ukuri uwo muriro n'iyo nywutekereje nywubona ku rundi rwego ariko aho mariye gukizwa, naravuze nti ni Imana yawugaragaje nk'umuriro w'imbaraga kuko nahise numva ko ari ibyaha byanjye bitumye inzu yanjye ishya, ni Imana inyeretse uwo muriro, ndi umunyabyaha, ndi uwo gupfa, nsaba Imana imbabazi […] ndavuga nti uyu ni wo wa muriro uzatwika abanyabyaha, ndavuga nti ngomba kurara nihannye pe."

Nyuma y'icyo gikorwa, avuga ko yahise atangira gushaka ubufasha bw'abakozi b'Imana kugira ngo bamusengere. Ahagana saa saba z'amanywa, yatumye umuzamu kuri Kanoni w'umu Angilikani, Elia Numa, araza aramusengera.

Bukeye bwaho, yegereye Acidikoni Deo Gahamanyi amusangiza ibyamubayeho ndetse amubwira ko yafashe icyemezo cyo kutazongera gusubira mu byaha, nyuma yo kubona uwo muriro yasobanuriye nk'uwamuburiye ko ngaruka z'icyaha.

Icyumweru cyakurikiyeho, Dr. Gahima yitabiriye igiterane cyo gusenga. Muri uwo mwanya, Pasiteri Gahamanyi yamusabye kujya imbere y'itorero agatanga ubuhamya bw'ibyamubayeho n'uburyo yakiriye agakiza.

Avuga ko icyo gihe yashyize ku ruhande icyubahiro yari afite nk'umuyobozi wa Leta, ndetse n'icyizere yari afitiwe n'abaturage, ahitamo gutanga ubuhamya bwe no kwatura ibyaha bye ku mugaragaro.

Ati: "Nagiye imbere ndihana, ndarira na kwa kwigirira icyizere (confidence) cy'ubuyobozi, ndihana ibintu biracika. Kuva icyo gihe ntangira urugendo rushyashya kandi Imana ingirira neza, bwa bwoba nagize bw'ibyaha butuma ngambirira kubaho mu bundi buzima. Ni aho urwo rugendo rwatangiriye, Imana igenda indera, inyigisha. Sinakubwira, byatangiriyeho mpise mba umurokore, buriya agakiza ni urugendo, Imana ikwigisha mu byiza, mu bibi, ndinda ngera mu itorero, ndinda mba umupasitori ibintu ntigeze ntekereza mu buzima, ndinda nzamuka mu nzego zitandukanye z'itorero ngeze kuri uru rwego ariko navuga nti ndi umuntu Imana yagiriye neza, udakiranuka kuruta abandi, wagiriwe imbabazi n'ibyo Imana yampishuriye ni imbabazi z'Imana, ni yo mpamvu mpora nyishima, nshaka guca bugufi no kuyoborwa na yo kuko yankuye mu irimbukiro, impa ubuzima."

Dr. Manasseh Gahima yavutse mu 1970, akurira muri Uganda nyuma y'uko umuryango we wahungiyeyo. Amashuri abanza yayize i Kasonga, ayisumbuye ayakomereza muri Kololo no muri St Andrea Kahwa's College.

Nyuma yabonye impamyabumenyi mu burezi, akomereza amashuri makuru mu bijyanye n'ubucuruzi muri Kaminuza y'u Rwanda, icyo gihe yari izwi nka Umutara Polytechnic. Afite kandi impamyabumenyi z'icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu micungire y'abakozi no mu by'iyobokamana, ndetse n'impamyabumenyi y'ikirenga (PhD) mu masomo y'iyobokamana.

Mbere yo kwinjira mu buyobozi bw'Itorero Angilikani, Dr. Gahima yakoze mu nzego zitandukanye z'uburezi n'ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze. Kuva mu 1995 kugeza mu 1997 yabaye Umuyobozi wungirije wa Lycée de Kigali ushinzwe abanyeshuri bigaga mu Cyongereza. Hagati ya 1997 na 2001 yabaye Burugumesitiri wa Komini Karangazi, naho kuva mu 2004 kugeza mu 2005 aba Burugumesitiri wa Komini Gabiro.

Nyuma y'amavugurura mu miyoborere y'Igihugu, yinjiye mu buyobozi bw'Itorero Angilikani muri Diyoseze ya Gahini, aho yabaye Umuyobozi wungirije wa Diyoseze. Mu 2019 yimikiwe kuba Umushumba wa Diyoseze ya Gahini, inshingano yakoze mu gihe cy'imyaka irindwi mbere yo gutorerwa kuyobora Itorero Angilikani mu Rwanda.

Urugendo rwe, nk'uko abisobanura, rwatangiriye ku ijoro ry'inkongi y'umuriro yahinduye imyumvire ye, rwigaragaza nk'urugero rw'ukuntu ibihe bikomeye umuntu anyuramo bishobora kumubera intangiriro y'impinduka zikomeye mu buzima bwe.

Tugomba kubafasha gukurira mu gihugu cyanyu mutekanye – Polisi y'Igihugu



Polisi y'Igihugu yibukije urubyiruko ko rugomba kugira uruhare mu gukumira ibikorwa byahungabanya umutekano

TWAGIRA Wilson

Polisi y'Igihugu yabwiye urubyiruko yo irajwe ishinga no kurufasha gukurira mu gihugu rutekanye, rukabigiramo uruhare rutanga amakuru ku bikorwa bitandukanye ku ihohoterwa n'ibindi bihungabanya umutekano warwo, kugira ngo bikumirwe hakiri kare kandi ababikora bahanwe n'amategeko.

Ni ibyagarutsweho, tariki ya 19 Ugushyingo 2026, mu nama ya karindwi yigaga ku buzima bw'imyororokere bw'ingimbi n'abangavu, yahuje urubyiruko, inzego za Leta, abafatanyabikorwa mu iterambere, abakora mu rwego rw'ubuzima, imiryango itari iya Leta n'abikorera.

Superintendent Josine Mukakimenyi, wari uhagarariye Polisi muri iyo nama akaba akora mu ishami rishinzwe imikoranire n'abaturage mu kwicungira umutekano (Community Policing), yashimangiye ko imikoranire hagati ya Polisi n'urubyiruko ari ingenzi mu gukumira ibyahungabanya umutekano warwo.

Yagize ati: "Nka Polisi ibyo twifuza gukoranamo namwe ni uko mutubwira ibibakorerwa, mugatanga amakuru ku byahungabanya umutekano wanyu".

Yijeje urubyiruko ko Polisi yiteguye kurufasha gukurira mu gihugu rufite umutekano, rudahohoterwa kandi rufite ubuzima bwiza.

Ati: "Tugomba kubafasha gukurira mu gihugu cyanyu mutekanye, mumeze neza, mufite ubuzima bwiza buzira umuze, mudahohotewe, mudasambanyijwe, mudasambanyije abandi bagenzi banyu, mbese mutekanye twubaka u Rwanda rw'ejo hazaza."

Yasabye urubyiruko kwitwara neza no kwirinda ibyaha kugira ngo ruzavemo abayobozi beza b'ejo hazaza, ashimangira ko ibyo bizagerwaho ari uko ibyaha bikumirwa bitaraba, naho ibimaze gukorwa bigakurikiranwa kandi hagatangwa ubutabera bunoze.

Imena Ornella, umwe mu rubyiruko rwitabiriye iyi nama, yavuze ko ari ngombwa ko urubyiruko ruhabwa amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere kugira ngo rubashe gufata ibyemezo birufitiye akamaro.

Yagize ati: "Dukwiye kumenya uko turinda imibiri yacu kandi tukamenya aho dukura amakuru y'ukuri, tukabona serivisi z'ubuzima nta pfunwe, nta kurenganwa kandi tugahabwa uburenganzira bwo gufata ibyemezo ku mibiri yacu".

Iyi nama yateguwe n'Umuryango Health Development Initiative (HDI), ku bufatanye na Ambasade ya Suède mu Rwanda n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Baturage (UNFPA), hagamijwe kuganira ku buryo serivisi z'ubuzima bw'imyororokere zakomeza kuboneka mu gihe ingengo y'imari n'uburyo bwo kuyibona bigenda bihindagurika.

Iyi nama yahuje urubyiruko, inzego za Leta, abafatanyabikorwa mu iterambere, abakora mu rwego rw'ubuzima, imiryango itari iya Leta n'abikorera, baganira ku buryo serivisi z'ubuzima bw'imyororokere zakomeza kuboneka no mu gihe ingengo y'imari n'uburyo bwo kuyibona bigenda bihindagurika.

Ibi bibaye mu gihe u Rwanda rukomeje guhangana n'ikibazo cy'inda ziterwa abangavu, aho Raporo y'Ubushakashatsi ku Mibereho n'Ubuzima mu Rwanda (RDHS 2025), y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) yerekanye ko iimibare y'abazitewe yavuye kuri 5% igera ku 8% mu 2025.

Miliyari 152 Frw zashowe muri gahunda yo kugaburira abana ku ishuri

TWAGIRA Wilson

Leta y'u Rwanda yongereye ingengo y'imari igenerwa gahunda yo kugaburira abana ku ishuri, iva kuri miliyari 35 z'amafaranga y'u Rwanda igera kuri miliyari 152 Frw. Ni gahunda igamije guteza imbere ireme ry'uburezi, kunoza imirire y'abanyeshuri no kugabanya umubare w'abana bata ishuri.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abanyeshuri mu Mashuri muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Nsengiyumva Jean Damascène, yabikomojeho ubwo yari mu kigo cy'ishuri cya École Notre-Dame de la Providence gihereereye ku Karubanda mu Karere ka Huye, ku wa Kabiri tariki 10 Ugushyingo 2026.

Iri shuri ryasuwe mu rugendo intumwa za MINEDUC zirimo mu Gihugu hose, rugamije kureba ibikorwa bitandukanye byagezweho mu guteza imbere uburezi mu Rwanda.

Ku munsi wa kabiri w'urwo rugendo, ni bwo hasuwe École Notre-Dame de la Providence ya Karubanda, ikigo cyihariye mu bikorwa byo kugaburira abanyeshuri ku ishuri, aho cyifashisha ubuhinzi n'ubworozi mu kwihaza mu biribwa.

Iki kigo gihinga imboga z'amoko atandukanye, imbuto ndetse kikaba kinorora amatungo magufi n'inka z'indobanure, ibikorwa byose bikorerwa ku buso bwa hegitari 10.

Mu kiganiro n'itangazamakuru, Nsengiyumva yavuze ko gahunda yo kugaburira abana ku ishuri yagize uruhare mu kugabanya umubare w'abana bata ishuri.

Imbogamizi zigihari

Ku bijyanye n'imbogamizi zikigaragara mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugaburira abana ku ishuri, Nsengiyumva yavuze ku izamuka ry'ibiciro ku masoko ndetse n'imisanzu y'ababyeyi itabonekera ku gihe.

Yavuze ko MINEDUC idashobora gukemura izo mbogamizi yonyine, ahubwo ko izakomeza gukorana



Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abanyeshuri mu Mashuri muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Nsengiyumva Jean Damascène yasuye ishuri rya La Providence

n'abandi bafatanyabikorwa kugira ngo haboneke ibisubizo birambye.

Sr. Clothilde Ayimana, Umuyobozi wa École Notre-Dame de la Providence ya Karubanda, yashimiye inzego zitandukanye zirimo MINEDUC ku ruhare zikomeje kugira mu gushyigikira ibikorwa by'iki kigo, by'umwihariko kuvugurura uburyo bwo kugaburira abanyeshuri ku ishuri.

Yavuze ko ubufatanye bw'izo nzego bwafashije ikigo gutera intambwe mu kunoza imirire y'abanyeshuri, bityo bikagira uruhare mu guteza imbere ireme ry'uburezi.

Ati: "Intambwe twagezeho mu birebana no kugaburira abana ku ishuri ntitwari kuyigeraho tudafite abafatanyabikorwa nka MINEDUC. Mbere y'uko dutangira iyi gahunda, abana benshi bararwaragurikaga, ariko ubu bamaze kubona indyo nziza kandi yuzuye, ikibazo cy'abarwaraga cyagabanyutseho 98%. Ibi tubikesha imibereho myiza bafite, ishingiye ku biribwa twihingira."

École Notre-Dame de la Providence ni ishuri ryigamo abakobwa gusa ryatangiye mu mwaka wa 1954, uyu munsi rikaba rifite abanyeshuri 685.

Mu rwego rwo kwihaza mu biribwa, iki kigo gihinga imboga zitandukanye zirimo amashu, karoti, dodo, sukuma wiki, inyanya, kokombure, intoryi na puwavuro, kikanagira imirima y'ibiti by'imbuto birimo avoka n'ibindi.

Mu bworozi, iri shuri ryorora inkwavu, ingurube n'inkoko zitanga amagi ndetse n'izororerwa inyama. Ibyo bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bifasha ikigo kubona ifumbire n'ibiribwa bikenerwa mu guteguriza abanyeshuri amafunguro yuzuye.

Huye: Abajyanama batowe biyemeje guteza imbere umujyi wa Huye

BYUKUSENGE Annonciata

Mu Karere ka Huye batoye abajyanama umunani bazinjira mu Nama Njyanama y'aka karere, biyemeza gushyira imbaraga mu iterambere ry'umujyi wa Huye n'akarere muri rusange.

Amatora yabaye ku wa Gatandatu, tariki ya 21 Ugushyingo 2026, yari ay'Abajyanama ku rwego rw'Akarere. Inteko itora yari igizwe n'abantu basaga 500 batowe ku rwego rw'Imirenge igize Akarere ka Huye.

Mu bakandida 29 bari biyamamaje, umwe yakuyeho kandidatire ye mbere yo kugeza ku bagize inteko itora imigabo n'imigambi ye.

Umukozi wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu Karere ka Huye, Muhirwa Terrance, yasobanuye ko Uwamahoro Manzi Immaculée yikuye mu matora ku mpamvu ze bwite.

Yagize ati: "Umukandida witwa Uwamahoro Manzi Immaculée



Abajyanama bashya batowe biyemeje guteza imbere Akarere ka Huye

yakuyemo kandidatire ye ku mpamvu ze bwite. Yavuze ko atabangikanya kuba umujyanama n'izindi nshingano z'akazi asanzwe afite."

Abagize inteko itora basobanuriwe ko umuntu atemerewe gutora abakandida benshi, kuko mu gihe atoye abarenga umwe, ijwi rye rifatwa nk'impfabusa.

Mu ibarura ry'amajwi, Nshimiyimana Védaste ni we wagize amajwi menshi, agira 400. Yakurikiwe na Nshimiyumuremyi Laurent wagize 341, Kagwesage Anne Marie agira 330, Kayisire Pauline agira 318, Mukeshimana Médiatrice agira 244, Nyabyenda Emmanuel Christian agira 243, Nyamihana Camille agira 217 na Bavakure Abel Jumbe wagize 174.

Bamwe mu batowe n'inshingano bakoze

Nshimiyimana Védaste yabaye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Huye kuva mu 2008 kugeza mu 2024, ubwo yimurirwaga mu Karere ka Rusizi ari na ho akora muri izo nshingano.

Muri Mata 2024, yavuye i Rusizi ahita atangira inshingano zo kuba Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, ari na zo yari agikora kugeza ubu.

Nshimiyumuremyi Laurent yabaye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Imirenge itandukanye mu Karere ka Huye, akaba yari asanzwe ayobora Umurenge wa Mbazi.

Kayisire Pauline yabaye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Utugari dutandukanye mu Karere ka Huye. Yatangiye kujya mu Nama Njyanama y'Akarere ka Huye mu 2011. Muri manda ya 2021-2026 icyuye igihe, yari Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'aka karere.

Bavakure Abel Jumbe yayoboye imiryango itandukanye itari iya Leta, akaba asanzwe ari umwarimu muri Kaminuza y'Abaporotesitanti (PIAS).

Nshimiyimana Védaste, wagize amajwi menshi, yabwiye Imvaho Nshya ko yishimiye icyizere yagiriwe n'abaturage ba Huye, avuga ko azafatanya na bo mu guteza imbere Akarere.

Yagize ati: "Nzafatanya n'abaturage guteza imbere Akarere kacu, tuzegera abatuye umujyi wa Huye wunganira Kigali. Icyo dushyize imbere ni ukuganira n'abaturage nk'umujyanama. Umujyanama ni umuvugizi."

Kagwesage Anne Marie, wabaye uwa gatatu mu batowe, yavuze ko yiteguye gutanga umusanzu we mu iterambere ry'Akarere, ashingiye no ku bunararibonye afite mu Nama Njyanama.

Ati: "Umuntu atanga kandidatire ye abishaka, rero kuba natowe nzatanga umusanzu kuko nari nsanzwe mu Nama Njyanama icyuye igihe. Tuzakomereza aho twari tugeze dushyire imbaraga mu iterambere ry'ubukungu, habeho impinduka nziza kurushaho, hahangwe imirimo mishya, hagurwe inganda kandi hitabwe ku buhinzi by'umwihariko ibyanya bigega."

Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Huye, Mihanda Appolinaire, yashimiye abajyanama batowe, abasaba gufatanya n'abaturage mu bikorwa bigamije guteza imbere Akarere.

Kayonza: Abajyanama b'Akarere batowe biyemeje kuzahura iterambere ry'imiryango

KAMALIZA Agnes

Abajyanama bashya batorewe kujya mu Nama Njyanama y'Akarere ka Kayonza, ku wa Gatandatu 21 Ugushyingo 2026, bagaragaje ko mu bibazo bazakemura bibugarije harimo; guhangana n'amakimbirane adindiza iterambere ry'imiryango, kwihangira imirimo no kubyaza umusaruro amahirwe aboneka muri ako gace, bimakaza guhinga kijyambere kandi bagasenyera umugozi umwe.

Ni bimwe mu byo bagarutseho mu migabo n'imigambi byabo; aho bashimangiye ko amakimbirane yo mu miryango ari yo ashamikiyeho ibibazo byugarije umuryango.

Mu bajyanama umunani batowe harimo Hategekimana Fred, watowe ku majwi 333, Karenzi John wagize, 210, Higiro Jules wagize 206, Kayitare Mpinganzima Pauline wagize 155, Niyongira David wagize 154, Nshizirungu Beatrice n'amajwi 152, Kwizera Robert wagize 125 na Kabahire David wagize 108.

Bagaragaje ko bazibanda ku gukemura ibibazo byugarije umuryango kuko ari wo shingiro rya byose. Kayitare Mpinganzima Pauline yagize ati: "Iterambere rirambye rihera mu muryango, imiryango izigishwa kigira ngo yihangire imirimo n'uko bakora imishinga icyiritse."

Yongeyeho ko bazashyira imbaraga mu guhanga akazi aho kugasaba, hakorwe ubuvugizi hagamijwe kubahuza n'ibigo by'imari ngo hagerwe ku iterambere rirambye.

Hategekimana Fred yagize ati: "Ntabwo ugenda wenyine iyo ushaka kugera kure rero tuzafatanya dukore ubuhinzi n'ubworozi bugezweho."

Bimwe mu bindi bibazo by'ingutu aka Karere gasigiwe n'Inama Njyanama icyuye igihe, harimo ikibazo cy'amapfa yagiye yibasira imwe mu irenge ikagize irimo; Ndego, Kabare, Kabarondo, Murama, Rwinkwavu, Mwiri na Murundi aho yibasiwe n'izuba rikabije.

Perezida w'Inama Njyanama isoje manda, Doreen Basiime Kalimba, aherutse kugaragaza ko hari byinshi byakozwe mu guhangana n'icyo kibazo ariko hagikenewe izindi mbaraga kugira ngo gikemuke burundu.

Biteganyijwe ko ku wa 24 Ugushyingo 2026, abagize iyi nama bazitoramo Biro yayo igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga.

Bazatora kandi Komite Nyobozi y'Akarere igizwe n'Umuyobozi w'Akarere n'abamwungirije babiri, umwe ushinzwe iterambere ry'ubukungu n'undi ushinzwe imibereho myiza y'abaturage; ari na bo bazayobora muri manda y'imyaka itanu iri imbere.

Ku wa 17 Ugushyingo 2026, ni bwo hatowe abagore batanu bazahagararira abandi mu Nama Njyanama, mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uko abagore bagomba kuba nibura 30% by'abagize iyi nama.



Abajyanama batowe mu Karere ka Kayonza biyemeje guhanga n'amakimbirane

AI, umusingi mushya mu kunoza ireme ry'uburezi mu Rwanda

NGABOYABAHIZI Protais

Mu gihe ikoranabuhanga rikomeje guhindura uburyo abantu bakoramo imirimo itandukanye, urwego rw'uburezi na rwo ruri mu nzego zitangiye kubyaza umusaruro ubwenge buhangano (Artificial Intelligence – AI), bufasha abarimu kunoza imyigishirize, abanyeshuri kwagura ubumenyi no gukora ubushakashatsi mu buryo bwihuse.



Abarezi bavuga ko Ubwenge Buhangano bwatangiye gutanga umusaruro

Abarezi n'abanyeshuri bo mu mashuri akorana n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburezi, Siyansi n'Umuco (UNESCO) mu Rwanda, bavuga ko ubu bwenge bwabafashije koroshya imirimo, kubona amakuru no kunoza inyandiko n'amasomo.

Frère Paulin Manirakiza, Umuyobozi wungirije ushinzwe amasomo muri Lycée de Kigali, avuga ko Ubwenge Buhangano bwabaye igikoresho cy'ingenzi gifasha abarimu n'abanyeshuri kubona ubumenyi no gushakira ibisubizo ibibazo bahura na byo mu mirimo yabo ya buri munsi.

Yagize ati: "Ubwenge Buhangano kuri ubu ni ikoranabuhanga rifite akamaro cyane, kuko ni irigezweho twifashisha nk'abarezi ndetse n'abanyeshuri. Ryoroshya akazi kandi rigatuma umunyeshuri abasha kubona vuba ubumenyi ashaka. Ashobora kubaza AI icyo yifuza kumenya, akaganira na yo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi."

Avuga ko ari ngombwa ko Leta ikomeza gushishikariza abakozi n'abanyeshuri gukoresha iri koranabuhanga, ariko bakirinda kuryishingikirizaho ku buryo bibagirwa gutekereza no guhanga ibitekerezo byabo bwite.

Yagize ati: "Bisaba ko uyikoresha agira ibyo azi n'ibitekerezo bye bwite, AI ikaza kumufasha kubinoza no kubyongerera ireme. Ntabwo ari byiza kuyizera mu byo umuntu agomba gutekereza no gukora byose."

Jeanne d'Arc Mukabatesi, Umuyobozi w'Ishuri Nderabarezi rya Muhanga, na we avuga ko Ubwenge Buhangano ari ingenzi mu kunoza imikorere y'abarimu no gufasha abanyeshuri kwagura ubumenyi.

Yagize ati: "Ubwenge buhangano ni ingenzi cyane. Ikindi cyiza ni uko abarimu mu Rwanda bahawe amahugurwa kuri iyi gahunda kugeza ubwo bahabwa impamyabumenyi. Mu myigishirize, iyo dusuye abarimu mu mashuri dusanga AI ibafasha kunoza akazi kabo."

Akomeza avuga ko n'abanyeshuri bo mu mashuri nderabarezi bafite amahirwe yo kububyaza umusaruro, kuko bafite ibikoresho birimo mudasobwa na telefoni, ndetse na murandasi bibafasha kugera kuri iri koranabuhanga no kurikoresha mu myigire yabo.

Yagize ati: "No ku banyeshuri ni byiza, kuko Igihugu cyacu gifite amashuri nderabarezi abanyeshuri bahawe mudasobwa na telefoni, kandi bafite murandasi ihagije ku buryo kwifashisha Ubwenge Buhangano biborohera. Hari byinshi bigiramo bibafasha kongera ubumenyi."

Mukabatesi asanga kuvuga ko gukoresha ubwenge buhangano bihita biteza ubunebwe atari byo, ahubwo ko ikibazo gishobora guterwa n'uburyo umuntu abukoresha no kutagenzura ibisubizo butanga.

Yagize ati: "Hari igihe umwarimu yasabaga AI kumufasha gutegura isomo, urugero nk'iry'amateka, ikarimukorera, ariko nyuma benshi basanze hari ubwo igiramo udukosa, cyane cyane mu myandikire y'Ikinyarwanda no mu bijyanye n'umuco. Ni yo mpamvu tubasaba ko n'iyo baba bayifashishije bagomba kongera gusoma ibyo yabahaye, bakabikosora aho bikenewe."

Yongeraho ko abanyeshuri bakwiye kuyifashisha mu kwiyungura ubumenyi, ariko ntibayishingikirizeho ku buryo ibakorera imikoro yose, kuko mu bizamini no mu myitozo ari bo bagomba kugaragaza ubushobozi n'ubumenyi bungutse.

AI ifasha abanyeshuri mu bushakashatsi no kunoza inyandiko

Ku banyeshuri barangiza kaminuza, Ubwenge Buhangano buri kugira uruhare mu kunoza ubushakashatsi n'inyandiko basabwa gutegura kugira ngo basoze amasomo yabo. Bubafasha kandi kubona ibisobanuro by'amagambo n'amakuru batagombye kwishingikiriza cyane ku nkoranyamagambo n'ibitabo byinshi nk'uko byari bisanzwe.

Kanzayire Alicia, uri kurangiza amasomo ya kaminuza, avuga ko AI imufasha mu bushakashatsi no kunoza inyandiko z'imishinga isoza amasomo (*mémoire*) cyane cyane mu gusuzuma ibyo yanditse no gukosora amakosa ashobora kuba yarakoze.

Yagize ati: "Ndasaba abanyeshuri bagenzi banjye kudafata AI nk'igisimbura amasomo bahabwa, ahubwo bakabanza kwiga no gusobanukirwa ibyo bigishwa, hanyuma bakayifashisha mu gushaka ibisobanuro by'inyongera no kunoza imirimo baba bahawe. Nubwo AI ishobora gufasha umunyeshuri kunoza inyandiko no kwihutisha ubushakashatsi, ubumenyi bwe bwite ni bwo bugomba kugena ireme ry'umurimo akora."

Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo y'Igihugu ikorana na UNESCO, Albert Mutesa avuga ko ikoreshwa ry'Ubwenge Buhangano ari imwe mu nzira zafasha urwego rw'uburezi kugendana n'impinduka Isi irimo, kuko iri koranabuhanga rimaze kugaragaza uruhare mu kongera ubumenyi no kwihutisha imirimo.

Yagize ati: "UNESCO ishyigikiye gahunda y'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano, kuko byagaragaye ko rifasha kongera ubumenyi no kwihutisha akazi. Ni ngombwa ko abarimu n'abanyeshuri barikoresha mu bushakashatsi no mu kwiyungura ubumenyi, bakaryifashisha bongera ibitekerezo byabo."

Mutesa avuga ko ikoreshwa ry'Ubwenge Buhangano ritagarukira mu burezi gusa, kuko Isi ikomeje kububyaza umusaruro mu nzego zitandukanye zirimo ubuhinzi, ubuvuzi n'izindi. Asanga abari mu burezi na bo bakwiye kujyana n'izo mpinduka.

Akomeza avuga ko ari yo mpamvu Komisiyo y'Igihugu ikorana na UNESCO ishishikariza abayobozi b'ibigo by'amashuri bikorana na UNESCO, binyuze muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), kujyana n'icyerekezo cy'Isi mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga, by'umwihariko mu burezi, kuko ari imwe mu nzego z'ingenzi UNESCO ishyira imbere.

Ubwenge Buhangano bushobora kuba umusingi ukomeye mu kunoza ireme ry'uburezi igihe bukoreshejwe neza, abarimu bagakomeza kuyobora imyigire, abanyeshuri bakagira uruhare mu kwiyungura ubumenyi, ikoranabuhanga na ryo rikaba igikoresho cyo kongera ubushobozi bwa muntu aho kumusimbura.

Imirimo yo kubaka urugomero rw'Umuvumba igeze kuri 74%

HITIMANA Servand

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi (RWB) cyatangaje ko imirimo yo kubaka urugomero rw'Umuvumba ruherereye mu Karere ka Nyagatare, mu Ntara y'Iburasirazuba igeze kuri 74%.

Byatangajwe tariki 19 Ugushyingo 2026, ubwo Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) Maj. Gen. (Rtd) Murasira Albert yasuraga ahari kubakwa uyu mushinga (Muvumba multi-purpose dam) mu Murenge wa Karama.

Ni uruzinduko rwari rugamije kureba aho imirimo yo kubaka uru rugomero igeze, uko ikorwa, imbogamizi zihari ndetse n'ingamba ziteganyijwe zo gukumira ibiza bishobora kwibasira uru rugomero

KOMEZA KU RUP.29

Imirimo yo kubaka urugomero rw'Umuvumba igeze kuri 74%



Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi, Maj. Gen. Albert Murasira yagaragarijwe ibiri gukorwa mu mushinga w'Umuvumba mu bijyanye no gukumira ibiza

IBIKURIKIRA URUP.28

n'ibikorwa remezo birukikije.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi ari nacyo gikurikirana imirimo y'uyu mushinga, Ndekezi Francois yagaragaje ko mu byitaweho harimo gukumira ibiza byagira ingaruka ku baturage n'izo abaturage bateza uwo mushinga.

Ati: "Hari byinshi byashyizwe mu nyigo z'umushinga birimo no gukumira ibiza. Muri byo harimo kuba twarimuye abaturage bari mu nkengero zawo bakajya hanze ya metero 50 uvuye aho idamu igera. Ibi bigamije kurinda ko ibikorwa by'abaturage byagira ingaruka ku kiyaga twubaka, ndetse no kuba nacyo kitabagiraho ingaruka mu gihe amazi yiyongereye n'ibindi."

Akomeza avuga kandi ko hari ibindi bikorwa bigamije kurinda isuri. Ati: "Mu bindi dukora ni uko inkengero z'iki kiyaga gihangano turi kuhatera ibiti ndetse tukazanaca amaterasi y'indinganire ku misozi ikikije umugezi w'Umuvumba uzagaburira iki kiyaga. Hari n'urukuta rukomeye rwubatswe rufite ubushobozi bwo gutangira amazi mu gihe ikiyaga cyasandara nubwo bidakunze kubaho. Ibi byose bizakumira ibiza binafashe mu gushyira mu bikorwa neza uyu mushinga."

Yongeyeho ko imirimo yo kubaka urwo rugomero igeze ku kigero cya 74% cy'imirimo yose iteganyijwe. Yagize ati: "Uyu mushinga wo kubaka ikiyaga gihangano cy'Umuvumba, ubu ugeze ku kigero cya 74% by'imirimo yose iteganyijwe mu kuwubaka."

Minisitiri Maj. Gen. (Rtd) Murasira. yasabye abashinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga gukomeza gukurikirana imbogamizi zishobora kuvuka no gushyiraho ingamba zo kuzikumira hakiri kare, kugira ngo uzarangire neza kandi utange umusaruro uteganyijwe.

Mu byo uyu mushinga uzafasha harimo kuhira imyaka kuri hegitari 10 000, bityo ukagira uruhare mu kongera umusaruro w'ubuhinzi no guteza imbere ubuhinzi bugezweho, hakoreshejwe uburyo bwo kuhira imyaka.

Uzafasha kandi kugeza ku baturage amazi meza angana na metero kibe 50 000 ku munsi, bikazagira uruhare mu kunoza isuku n'isukura no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

Byongeye kandi, uyu mushinga uzatanga amashanyarazi angana na Megawatt imwe (1 MW), azifashishwa mu bikorwa bitandukanye by'iterambere.

Nyamasheke: Guhuza Imirenge SACCO byongereye ingano y'inguzanyo

NDOLI Sitio

Bamwe mu baturage bo mu Karere ka Nyamasheke bavuga ko guhuza amakoperative yo kwizigama no kugurizanya, Imirenge SACCO, bikayoborwa ku rwego rw'Akarere byatumye inguzanyo bahabwa ziyongera, bibafasha kwagura ibikorwa by'ishoramari no kwiteza imbere.



Abanyamuryango ba Indongozi SACCO y'i Nyamasheke bashima ko kuba Imirenge SACCO yarahujwe babibonamo inyungu

Mu mpera za Gashyantare 2026 ni bwo hatangajwe ko Imirenge SACCO 15 yo mu Karere ka Nyamasheke yahujwe, ikora nka SACCO imwe y'Akarere yitwa Indongozi SACCO.

Bamwe mu banyamuryango b'iyi SACCO bavuga ko kuva yahuzwa, serivisi z'imari zongerewe ubushobozi, by'umwihariko inguzanyo, ku buryo ubu bashobora kubona amafaranga menshi kurusha ayo bahabwaga mbere.

Nyirabagenzi Florence yavuze ko ubu kubona inguzanyo nini byoroshye kurusha uko byari bimeze mbere y'uko amakoperative ahuzwa.

Yagize ati: "Dufite amahirwe yo kubona inguzanyo nyinshi kandi mu gihe gito. Ubu umuntu ushaka inguzanyo ya miliyoni 50 Frw ashobora kuyibona. Nanjye ndimo gusaba inguzanyo ya miliyoni 15 Frw, kandi mbere muri SACCO y'Umurenge sinashoboraga kurenza miliyoni 10 Frw. Iyi nguzanyo izamfasha kwiteza imbere."

Bizimana Theogene na we yavuze ko guhuza Imirenge SACCO byatumye serivisi zatangwaga ziyongera, abanyamuryango bakarushaho kubona amahirwe yo kubona inguzanyo no gukoresha serivisi z'imari.

Ati: "Ikintu cya mbere byadufashije ni uko serivisi twahabwaga ziyongereye. Mbere yo guhuza amasoko, inguzanyo zari nke kubera ubushobozi buke bw'ubuyobozi bwa SACCO. Ubu inguzanyo zarazamutse, kandi dushobora kubikuza amafaranga aho twaba turi hose mu Karere."

Yakomeje avuga ko ubu urubyiruko na rwo rwashyiriweho uburyo bwo kubona inguzanyo zibafasha kwihangira imirimo no kwiteza imbere.

Ati: "Mu gihe cyashize wasangaga nta buryo buhagije bwo guteza imbere urubyiruko, ariko ubu dufite inguzanyo ya Kataza Rubyiruko itangwa ku nyungu nto."

Umuyobozi wa Indongozi SACCO, Uwamariya Valentine, yavuze ko guhuza Imirenge SACCO 15 yo mu Karere ka Nyamasheke byongereye ubushobozi bw'ikigo mu gutanga inguzanyo, bikaba byaragize uruhare mu iterambere ryacyo.

Yagize ati: "Ubu dufite ubushobozi bwo gutanga inguzanyo zisumba izo twatangaga mbere yo kwihuza. Mbere, SACCO imwe ntiyatangaga inguzanyo zirenze miliyoni 11 Frw, ariko ubu dushobora gutanga inguzanyo igera kuri miliyoni 190 Frw ku muntu umwe. Ibi bigaragaza ko ikigo gikomeje kwiyubaka no kwegera ubushobozi bwa banki y'ubucuruzi."

Yakomeje avuga ko inguzanyo zari zimaze gutangwa ku banyamuryango zavuye kuri miliyari eshanu z'amafaranga y'u Rwanda zigera kuri miliyari esheshatu na miliyoni 676 Frw, kandi zishyurwa ku kigero cya 98%.

Yavuze ko iki gipimo kigaragaza ko abanyamuryango bakoresha inguzanyo mu bikorwa byunguka, bityo na SACCO ikabona inyungu binyuze mu kwishyurwa kwazo.

Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Nyamasheke, Placide Muneza, na we yavuze ko kwiyongera kw'inguzanyo byafashije abaturage kongera ishoramari mu bikorwa bitandukanye, birimo ubwubatsi, ubuhinzi, ubworozi n'ubucuruzi.

Ati: "Guhuza izi SACCO byazifashije kwiyubaka no guhuriza hamwe ubushobozi. Abaturage na bo barushijeho kuzigirira icyizere, bituma benshi basaba inguzanyo. Hari abubatse inzu cyangwa bakazivugurura, abandi bagura amatungo, bakongera umusaruro w'ubuhinzi ndetse bagashora mu bucuruzi bucyiritse. Ibi byose bigenda bifasha abaturage kwiteza imbere babikesha inguzanyo za SACCO."

Indongozi SACCO yihaye intego yo gutanga inguzanyo zisaga miliyari esheshatu z'amafaranga y'u Rwanda muri uyu mwaka wa 2026. Kugeza ubu, imaze gutanga izigera kuri miliyari enye.

Abanyamuryango bashimira Leta y'u Rwanda kuba yarashyigikiye gahunda yo guhuza Imirenge SACCO, ariko bagasaba ko iyi gahunda yakomeza no kurwego rwo hejuru, kugira ngo boroherezwe gukoresha serivisi zo kubikuza amafaranga mu Turere dutandukanye.

Nyagatare: Urubyiruko rurahamya ko ‘Hanga Hub’ yarufashije kwihangira imirimo



Abiga imyuga yifashisha ikoranabuhanga bishimira urwego bagezho

HITIMANA Servand

Urubyiruko rwabonye amahirwe yo kwiga ibijyanye no guhanga imirimo mu kigo cy’urubyiruko cya Nyagatare cyashyizwemo gahunda ya Hanga Hub bavuga ko ubumenyi bahakura bubafasha mu kwihangira imirimo no kunguka udushya tubafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize mu mashuri asanzwe.

Iki kigo cyubatswe ku bufatanye n’abafatanyabikorwa kigashyirwamo gahunda z’ikoranabuhanga no guhanga udushya, cyakira abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye abiga muri kaminuza n’abazirangije.

Ababonye amahirwe yo kuza kwiga muri iki kigo ku ikubitiro bavuga ko bahungukiye byinshi birimo ubumenyi ku kwihangira akazi no guhanga udushya, abandi babona akazi bagakesha ibyo bigiye muri iki kigo.

ibijyanye n’ubugeni muri kaminuza akaza gukarishya ubwenge muri iki kigo agira ati: “Batanze itangazo ry’uko abifuza kuza kwiga aha basaba ndasaba ngira amihirwe yo gutoranywa mu banyeshuri ba mbere. Ibintu nigiye aha ni ingenzi cyane kuko ari ahantu uhabwa ubumenyi unakora ibyo wiga ukagira ubumenyi ngiro nyabwo.Hari ibikoresho bihagije kuri buri cyiciro umuntu abarizwamo.”

Akomeza agira ati: “Nyuma yo kurangiza amasomo, nagaragaje ubudashyikirwa mu batsinze neza mpita nahabona akazi. Nishimira ubumenyi nakuye hano kuko byamfashishije gufunguka nkamenya uko nakora nshingiye ku bikenewe ku isoko ndetse n’uburyo bwo kwihangira umurimo.”

Karangwa didier waje kwiga aha arangije amashuri yisumbuye, ibyo yahize byatumye ahanga umurimo aho akora ibishushanyo mbonera by’imyenda akanayandikaho.

Ati:“Amasomo nahawe yatumye mbona umurimo aho ubu ntunganya imyenda bitewe nuko umukiliya ayishaka cyangwa nkamufasha kumwereka isura y’umwenda wamubera. Ibi nabibonyemo akazi aho mbona amafaranga ndetse nkaba nitegura no kuzakomeza kaminuza niyishyurira kandi ngaharanira ko nibyo nkora bitera imbere nkazashinga kampani ikomeye itanga akazi ku bantu benshi.”

Akomeza agira ati: “Nshima aya mahirwe ubuyobozi bwatwegereje aho bidufasha guhindura imibereho yacu tukiteza imbere.”

Nkurunziza Egide wo mu Karere ka Ngororero akaba yiga muri Kaminuza y’u Rwanda ishami rya Nyagatare, avuga ko yagize inyota yo kuza gutangira amasomo ajyanye n’ikoranabuhanga no kwihangira imirimo akabifatanya n’amasomo asanzwe ya Kaminuza, kandi ko aho ageze ari ku rwego rwiza aho yihangiye imashini ituraga imishwi y’inkoko.

Ati: “Natangiye kwiga muri iki kigo mu 2024 nkiza kwiga muri kaminuza numvise bahamagara abifuza kujya baza kuhafatira amasomo ndaza, ubumenyi nahakuye bwatumye ntekereza kubaka imashini ituraga amagi hakavamo imishwi. Ni igitekerezo nagize bitewe nuko nabonaga abantu bagorwa no kubona imishwi mu buryo buboroheye.”

Ati: “Ndishimira ubumenyi nakuye muri iki kigo aho ubu nanatsindiye igihembo cya milyoni 2 yo gufasha umushinga wanjye kuwushyira mu ngiro mu buryo bunoze.”

Umuyobozi w’iki kigo cya Hanga Hub Nyagatare, Gisa Silas avuga ko ikigo ayoboye gitanga amahirwe kuri buri wese wifuza kongera ubumenyi, ndetse abakirwa bigishwa ku buntu.

Ati: “Iki kigo cyashyizweho kugira ngo gifashe urubyiruko kubona aho kongerera ubumenyi ndetse no kwidagadura. Hari abahagaragariza impano zabo zigakuzwa ngo ziremwemo igishoro zikaba zabazamura. Ni amahirwe ubuyobozi bwageneye abaturage aho twifuza ko abaca hano bazagira ibigwi bikomeye mu iterambere ryabo ubwabo ndetse n’iry’Igihugu.”

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Nyagatare iki kigo gihereyemo, Uwambayingabire Claire avuga ko ari amahirwe mu kongera imirimo no kubakira ubushobozi urubyiruko, hakaboneka ibisubizo ku buyobozi ndetse n’abaturage.

Ati: “Ni ibisubizo ku buyobozi iyo tubonye aho abantu batari bafite icyo bakora bajya bagahinduka abanyakazi ndetse bakanagatanga ku bandi. Bigabanya abashoboraga kuba bari mu bafashwa cyangwa bazafashwa na Leta.

Kugira ubumenyi butuma umuntu yigira bigabanya ubushobomeri kandi umuturage ufite icyo akora ntabera umutwaro ubuyobozi ahubwo aba umufatanyabikorwa mwiza mu kuzamura iterambere ndetse n’imibereho myiza.”

Iki kigo gitangirwamo amasomo atandukanye, arimo kwiga imishinga no kuyicunga, ikoranabuhanga no guhanga udushya, ubugeni, ubukorikori, gukuza impano zitandukanye ndetse hakanakorerwa ibikorwa by’imyadagaduro ku rubyiruko.

Hanga Hub ya Nyagatare imaze imyaka 2 ifunguwe ku mugaragaro aho yafunguwe na Minisitiri w’Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Ingabire Paula, tariki ya 14 Ugushyingo 2024 yasabye urubyiruko kubyaza umusaruro uwo mushingabakora ibihangano bishobora guhindura Isi.

ITANGAZO RY’ISOKO

ORGANISME SPECIALISE DE LA C.E.P.G.L

SINELAC
Société Internationale D’Electricité des Pays des Grands Lacs

Bukavu, le 12/11/2026
N° 878/2026

AVIS D’APPEL D’OFFRES N° *SINELAC /003/2026*

TITRE : TRAVAUX D’AMELIORATION DE L’ADDUCTION EN EAU POTABLE DE LA CITE DES CADRES DE MUMOSHO

FINANCEMENT	*: SINELAC*
MAITRE DE L’OUVRAGE	: SINELAC
Date de publication	*: 13/11 /2026*
Date limite de dépôt des offres	*:07/12/2026 à10h00*
Date d’ouverture des offres techniques	*: 07/12/2026 à 10h30*

1. La Société Internationale d’Electricité des Pays des Grands Lacs, en abrégé « SINELAC » lance un avis d’appel d’offres pour les travaux ci-dessus mentionnés.

2. La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions à toutes les entreprises spécialisées dans le domaine, ressortissantes des pays de la CEPGL.

3. Le dossier d’appel d’offres peut être obtenu par mail : info@sinelac.org par les candidats, à partir du **06/11/2026**, sur présentation d’un Bordereau de versement de **Cent Dollars Américains (100 USD)**, non remboursables au compte ouvert au nom de la SINELAC :
   - Compte N°05170-01034144401-66 USD Ouvert à RAWBANK en RDC
   - Compte N°054-6031290-54 USD Ouvert à la Banque de KIGALI

4. Une visite obligatoire des lieux est prévue le **26/11/2026.** Le rendez-vous est fixé à la cité des cadres de Mumosho à **10h00.** La SINELAC répondra à toutes les demandes d’éclaircissements des soumissionnaires jusqu’au **02/12/2026. Les demandes d’éclaircissements doivent être adressées par écrit à l’adresse info@sinelac.org.**

5. Les offres bien dactylographiées rédigées en français accompagnées d’une garantie de soumission d’un montant égal à trois mille Dollars Américains (3000 USD) doivent être envoyées électroniquement à l’adresse mail cipm@sinelac.org au plus tard **le 07/12/2026 à 10h00**. La garantie de soumission doit être émise uniquement par une banque ou le bordereau de versement de ce montant dans l’un des comptes de la SINELAC mentionnés ci-dessus. Une copie numérisée de la garantie de soumission (ou du bordereau de versement) est jointe à l’offre technique ; l’original doit parvenir à la SINELAC au plus tard à la date et à l’heure limites de dépôt des offres.
   L’offre financière doit être envoyée protégée par un code secret qui sera communiqué par le soumissionnaire, à la demande du Maître de l’Ouvrage, le jour et à l’heure de l’ouverture des offres financières.

6. Les offres resteront valides pendant une période de **90 jours** à partir de la date limite de dépôt des offres. L’ouverture des offres aura lieu le 07/12/2026 à 10h30. L’ouverture des offres financières aura lieu à une date communiquée ultérieurement aux seuls soumissionnaires dont l’offre technique aura été jugée conforme.

12/11/2026 14:08
BUNANI MUZIBANYI Richard
Directeur Administratif et Financier

SINELAC

12/11/2026 13:32
NDAYISABA Fidèle
Directeur Général

ITANGAZO RY’ISOKO

ORGANISME SPECIALISE DE LA C.E.P.G.L

SINELAC
Société Internationale D’Electricité des Pays des Grands Lacs

Bukavu, le 12/11/2026
N° 877/2026

AVIS D’APPEL D’OFFRES N° SINELAC/002/T/2027

Titre : TRAVAUX DE CONSTRUCTION DES CANIVEAUX DES EAUX DE PLUIE A LA CITE DES CADRES DE MUMOSHO, CONSTRUCTION D’UNE GUERITE A LA CENTRALE HYDROELECTRIQUE RUZIZI II ET FIXATION D’UN PORTAIL AVEC GRILLAGE A LA PRISE D’EAU ; ET CONSTRUCTION D’UN FILET D’EAU SUR LA ROUTE ALLANT A LA CENTRALE HYDROELECTRIQUE RUZIZI II PHASE 2

FINANCEMENT	*: SINELAC*
MAITRE DE L’OUVRAGE	: SINELAC
Date de publication	*: 13/11 /2026*
Date limite de dépôt des offres	*: 07/12/2026*
Date d’ouverture des offres techniques	*: 07/12/2026*

1. La Société Internationale d’Electricité des Pays des Grands Lacs, en abrégé « SINELAC » lance un avis d’appel d’offres pour les travaux ci-dessus mentionnés. Le marché est divisé en trois (3) lots : Lot 1 : Travaux de construction des caniveaux des eaux de pluie à la Cité des cadres de Mumosho ; Lot 2 : Travaux de construction d’une guérite à la Centrale hydroélectrique Ruzizi II et fixation d’un portail avec grillage à la prise d’eau ; Lot 3 : Travaux de construction d’un filet d’eau sur la route allant à la Centrale hydroélectrique Ruzizi II Phase 2. Les soumissionnaires peuvent soumissionner pour un ou plusieurs lots ; chaque lot fait l’objet d’une offre et d’un contrat distincts.

2. La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions à toutes les entreprises spécialisées dans le domaine, ressortissantes des pays de la CEPGL.

3. Le dossier d’appel d’offres peut être obtenu par mail : info@sinelac.org par les candidats, à partir du **13/11/2026**, sur présentation d’un Bordereau de versement de **Cent Dollars Américains (100 USD)**, non remboursables au compte ouvert au nom de la SINELAC :
   - Compte N°05170-01034144401-66 USD Ouvert à RAWBANK en RDC
   - Compte N°054-6031290-54 USD Ouvert à la Banque de KIGALI

4. Une visite obligatoire des lieux est prévue le **26/11/2026.** Le rendez-vous est fixé à la cité des cadres de Mumosho à 12h00. La SINELAC répondra par écrit à toutes les demandes d’éclaircissements des soumissionnaires reçues par écrit jusqu’au **02/12/2026.**

5. Les offres bien dactylographiées rédigées en français accompagnées d’une garantie de soumission d’un montant égal à mille cinq cents Dollars Américains (1 500 USD) pour le lot 1, quatre cents Dollars Américains (400 USD) pour le lot 2 et mille Dollars Américains (1 000 USD) pour le lot 3 ; et doivent être envoyées électroniquement à l’adresse mail cipm@sinelac.org au plus tard **le 07/12/ 2026 à 11h00.** La garantie de soumission doit être émise uniquement par une banque ou le bordereau de versement de ce montant dans l’un des comptes de la SINELAC mentionnés ci-dessus.
   L’offre financière doit être envoyée dans un fichier distinct de l’offre technique et protégée par un code secret, à communiquer au jour et à l’heure de l’ouverture des offres financières. .

6. Les offres resteront valides pendant une période de **90 jours** à partir de la date limite de dépôt des offres. L’ouverture des offres techniques aura lieu le **07/12/2026 à 11h30** ; la date d’ouverture des offres financières sera communiquée ultérieurement aux seuls soumissionnaires dont l’offre technique aura été jugée conforme.

12/11/2026 14:11
BUNANI MUZIBANYI Richard
Directeur Administratif et Financier

SINELAC

NDAYISABA Fidèle
Directeur Général

ITANGAZO RY'ISOKO

rbc Rwanda Biomedical Centre
Healthy People, Wealthy Nation

Doc Number : RBC/DOG/28998/2026
Date : 13/11/2026 01:48 PM

Specific Procurement Notice
(Two-Envelope Bidding Process)

Country: Rwanda
Name of Project: Health Emergency Preparedness Response and Resilience (HEPRR)
Contract Title: Supply of ambulances
Loan No./Credit No./ Grant No.: P504764
RFB Reference No.: RW-RBC-549626-GO-RFB

1. The Government of Rwanda has received financing from the World Bank toward the cost of the Health Emergency Preparedness Response and Resilience (HEPRR) Project, and intends to apply part of the proceeds toward payments under the contract for Supply and delivery of ambulances. "For this contract, the Borrower shall process the payments using the Direct Payment disbursement method, as defined in the World Bank's Disbursement Guidelines for Investment Project Financing, except for those payments, which the contract provides to be made through letter of credit."
2. The Rwanda Biomedical Centre (RBC) now invites sealed Bids from eligible Bidders **for Supply of ambulances 156 at Rwanda Biomedical Centre (RBC) Headquarter** for a delivery period of 6 months (180 days).
3. The bid is comprised of the following lots:
   - Lot 1: Supply of Basic Life Support (BLS) ambulances (High roof)
   - Lot 2: Supply of Advanced Life Support (ALS) Ambulance (High roof) full electric and fuel consumption
4. Bidding will be conducted through international competitive procurement using a Request for Bids (RFB) as specified in the World Bank's "Procurement Regulations for IPF Borrowers" revised September 2025 (Seventh Edition) ("Procurement Regulations"), and is open to all eligible Bidders as defined in the Procurement Regulations.
5. Bids will be evaluated in accordance with the evaluation process set out in the bidding documents. The following weightings shall apply for Rated Criteria (including technical and non-price factors):
   - Basic Life Support (BLS) ambulances (High roof) - 50:50 Rated Criteria
   - Advanced Life Support (ALS) Ambulances - 60:40 Rated Criteria
6. Interested eligible Bidders may obtain further information from Rwanda Biomedical Centre (RBC), the Deputy Director General Rwanda Biomedical Centre (RBC) through info@rbc.gov.rw or ddg@rbc.gov.rw and Procurement specialist tel: 0788603934 and inspect the bidding document during office hours. (09:00 to 17:00) hours at the address given below.
7. The bidding document in English may be purchased by interested eligible Bidders upon the submission of a written application to the address below and upon payment of a nonrefundable fee of ten thousand (10,000 Rwf) Rwandan francs to any of the accounts of Rwanda Revenue Authority opened at any commercial bank. The method of payment will be transfer inter banks or cash. The document will be sent by email.
8. Bids must be delivered to the address below on or before **29 December 2026 at 10:00 am (8:00 am GMT)**. Electronic Bidding will not be permitted. Late Bids will be rejected. The outer Bid envelopes marked "Original Bid", and the inner envelopes marked "Technical Part" will be publicly opened in the presence of the Bidders' designated representatives and anyone who chooses to attend, at the address below on Rwanda Biomedical Centre (RBC) Headquarter, **29 December 2026 at 10:30 am (8:30 am GMT)**. All envelopes marked "Second Envelope: Financial Part" shall remain unopened and will be held in safe custody of the Purchaser until the second public opening.
9. All Bids must be accompanied by the following Bid Securities:

Lots	Required amount of bid security in Frw or its equivalent in convertible currency
1	76,500,000
2	28,500,000

10. Attention is drawn to the Procurement Regulations requiring the Borrower to disclose information on the successful bidder's beneficial ownership, as part of the Contract Award Notice, using the Beneficial Ownership Disclosure Form as included in the bidding document.
11. The address referred to above is:

KG 644 St, Kigali
PO. Box 7162 Kigali, Rwanda
Email: info@rbc.gov.rw

Digitally Signed By Jeanne Umuhire
Deputy Director General
13/11/2026 01:48 PM

www.rbc.gov.rw / Info@rbc.gov.rw / PoBox : 7162 Kigali Rwanda

ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa NDERA

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO Y'UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2026-2027 MU MURENGE WA NDERA

Ubuyobozi bw'Umurenge wa NDERA burabimenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza, bujuje ibisabwa kandi babifitiye ubushobozi, ko bushaka gutanga amasoko atandukanye mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2026-2027.

S/N	Izina ry'igikorwa	Igihe cyo gufata igitabo gikubiyemo ibisabwa	Igihe ntarengwa cyo gutanga dossier	Igihe cyo gufungura amabaruwa
02	Isoko ryo gusana no gukora imodoka z'Umurenge wa Ndera	Guhera taliki ya 18/11/2026 saatatu kugeza saakumi n'imwe (9h00-17h00)	Itariki ya 16/12/2026 saa tatu n'igice (9h30) mubunyamabanga bw'Umurenge wa Ndera	Itariki ya 16/12/2026 saa ine (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Ndera
03	Isoko ryo gutanga serivisi zo kwakira abashyitsi ku rwego rwa Hotel b'Umurenge wa Ndera,	Guhera taliki ya 18/11/2026 saatatu kugeza saakumi n'imwe (9h00-17h00)	Itariki ya 16/12/2026 saa tatu n'igice (9h30) mubunyamabanga bw'Umurenge wa Ndera	Itariki ya 16/12/2026 saa ine (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Ndera
08	Isoko ryo kuzimbisha no gutegura ahabereye ibirori n'imizi mikuru mu Murenge wa Ndera	Guhera taliki ya 18/11/2026 saatatu kugeza saakumi n'imwe (9h00-17h00)	Itariki ya 16/12/2026 saa tatu n'igice (9h30) mubunyamabanga bw'Umurenge wa Ndera	Itariki ya 16/12/2026 saa ine (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Ndera
09	Isoko ryo gusana inyubako za biro z'utugari n'Umurenge wa Ndera	Guhera taliki ya 18/11/2026 saatatu kugeza saakumi n'imwe (9h00-17h00)	Itariki ya 16/12/2026 saa tatu n'igice (9h30) mubunyamabanga bw'Umurenge wa Ndera	Itariki ya 16/12/2026 saa ine (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Ndera

Abifuza gupiganira ayo masoko bishyura amafaranga 10,000frs binyuze muri serivise y'irembo yo kugura ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa . Abishyuye ibitabo bashobora kuza kubifata guhera tariki ya **18/11/2026** mu biro bya **Administrative assistant** w'Umurenge wa Ndera. Amabahasha afunze neza, arimo ibiciro byanditse n'imashini n'ibyangombwa byasabwe bigizwe n'inyandiko y'umwimerere n'amakopi abiri bigomba kuba byageze ku biro by'Umurenge wa Ndera bitarenze tariki ya **16/12/2026** saa tatu n'igice (9h30) za mugitondo gufungura amabahasha y'ipiganwa ni saa yine za mu gitondo (10h00) kuri iyo tariki.

Icyitonderwa : Abazatanga inyandiko z'ipiganwa, bazasurwa mu minsi yo gukora iesengura ry'inyandiko z'ipiganwa mu rwego rwo kwegeranya amakuru y'ingenzi akenewe ku masoko ajyanye naho serivisi itangirwa.

Bikorewe i Ndera kuwa 12/11/2026. Gi

MUGISHA Emmanuel
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ndera

ITANGAZO RY'ISOKO

Croix-Rouge Rwandaise
Rwanda Red Cross

Date: 05/11/2026
Ref No:365/0107/SG/2026

Orgaisme d'Intérêt Public
Auxiliaire des Pouvoirs Publics
B.P. 425 Kigali – Rwanda
Email: ecs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

TENDER NOTICE

Tender Reference Nº: 005-DAT-IYCP-2026-2027

Client : Rwanda Red Cross

Project : IYCP

Contract title : Tender for Construction Toilets and MENSTRUAL HYGIENE MANAGEMENT ROOM in Gisagara District, Mukindo Sector.
Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of IRC through its IYCP Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender **for Construction Toilets and Menstrual Hygiene Management Room in Gisagara District, Mukindo Sector.** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender in the table above .
Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **1st /12/2026 at 2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at 2:30 pm Late bids will not be accepted.

The visit of site will be on 23th November 2026 in Mukindo sector, Gisagara District at 12:00 pm and the certificates will be provided at the field

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

KARAMAGA Apollinaire
Secretary General of Rwanda Red Cross

Gira Umutima Utabare

ITANGAZO RY'ISOKO

Republika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
Akarere ka Rusizi
Umurenge wa Bugarama
E-mail : bugaramasector@rusizi.gov.rw

ITANGAZO RY'IPIGANWA: Nº 01/BUG/2026-2027

Umurenge wa Bugarama uramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko wifuza gutanga isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro bizakoreshwa mu mwaka w'ingengo y'imari 2026-2027.

Abifuza gupiganira isoko ryavuzwe haruguru bashobore kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Bugarama, kuva tariki ya **16/11/2026.**

Igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa cyishyurwa amafaranga y'u Rwanda: ibihumbi icumi (**10,000 Frw)** yishyurwa unyuze ku rubuga: www.irembo.gov.rw

Amabahasha afunze neza arimo ibiciro agizwe n'umwimerere na kopi ebyiri agomba kuba yagejejwe mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Bugarama bitarenze **itariki ya 16/12/2026 saa yine (10h00)** za mu gitondo.

Gufungura amabahasha mu ruhame bizakorwa kuri uwo munsi saa yine n'igice **(10h30)** mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Bugarama.

Bikorewe i Bugarama, kuwa 14/11/2026

NGIRABATWARE James
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bugarama.

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RY' AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kicukiro bunejejwe no kumenyesha ba Rwiyemezamirimo, Amakoperative yujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira Isoko rikurikira

no	Izina ry ' isoko	Nimero y'isoko	Agaciro k'inyandiko y'ipiganwa (Frw)	Itariki n'isaha ntarengwa yo kurangiza kwakira Inyandiko z'ipiganwa	Itariki n'isaha yo gufungura Inyandiko z'ipiganwa
2	ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BYO GUKORA IMIRIMO YO GUSANA INYUBAKO Z'UMURENGE (supply of materials for sector offices rehabilitation)	KIC.SECT/T03 /2026-2027	10,000	27/11/2026 10:00 AM	27/11/2026 10:30AM

Inyandiko z'amabwiriza y'ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kicukiro mu minsi n'amasaha yose y'akazi guhera **09/11/2026** nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi **10,000 Frw** adasubizwa yishyurwa ubanje gukora imenyekanisha ku kigo gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro (RRA)/KICUKIRO SECTOR.

Kwakira inyandiko z'abapiganwa bizarangira kandi zifungurwe ku matariki n'amasaha yagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kicukiro.

Bikorewe Kicukiro, kuwa 02/11/2026.

KAVUTSE Epiphanie
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kicukiro

ITANGAZO RY'ISOKO

Republic of Rwanda
City of Kigali
Nyarugenge District
Kimisagara Sector

ITANGAZO RIHAMAGARIRA IPIGANWA RY'AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kimisagara burahamagarira ba rwiyemezamirimo, koperative n'abantu ku giti cyabo babyifuza, banditse mu gitabo cy'ubucuruzi no muri TVA kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko akurikira:

Nº	Inyito y'isoko
02/KIMIS/2026-2027	Isoko ryo gutanga ibikoresho byo mu biro mu Murenge wa Kimisagara.
06/KIMIS/2026-2027	Isoko ryo gutwara abantu n'ibintu mu Mujyi wa Kigali no hanze yawo.

Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Kimisagara guhera tariki ya 12/11/2026, herekanywe urupapuro rwishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi (10,000 FRW) yishyurwa ku konti ya Rwanda revenue. Amabahasha afunze neza, arimo ibiciro, inyandiko y'ipiganwa inwe y'umwimerere na kopi eshatu (3) zayo bizatangwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Kimisagara bitarenze tariki ya 02/12/2026 saa yine za mu gitondo (10h00). Gufungura amabahasha arimo inyandiko z'ipiganwa ni kuri iyo tariki saa yine n'iminota mirongo itatu (10h30) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kimisagara.

Bikorewe Kimisagara, ku wa 10 Ugushyingo 2026

NIYONKURU Emmanuel
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimisagara

ITANGAZO RY'ISOKO

Republika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Nyarugenge
Umurenge wa Nyamirambo

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Nyamirambo, mu Karere ka Nyarugenge, burahamagarira ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko akurikira:

INYITO Y'ISOKO	NOMERO Y'ISOKO
Isoko ryo gukusanya no gutwara ibishingwe byo mu ngo	1/ NCS/ NCB/ 2026 – 2027/ NYAMIRAMBO SECTOR
Isoko ryo gukora maintenance y'ibikoresho electroniques	2/ NCS/ NCB/ 2026 – 2027/ NYAMIRAMBO SECTOR
Isoko ryo gutanga amahema, intebe, indanguramajwi n'ibindi bikoresho bikenerwa mu nama n'ibirori	3/ NCS/ NCB/ 2026 – 2027/ NYAMIRAMBO SECTOR

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipigana mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Nyamirambo guhera ku itariki 10 Ugushyingo 2026. Igitabo cyerekana uburyo ipigana rikorwa cyishyurwa amafaranga ibihumbi icumi (10.000 Frw) yishyurwa kuri konti y'Urwego rwa Leta rufite imisoro n'amahoro mu nshingano.

Amabahasha arimo ibiciro yanditseho inyito y'isoko igaragara muri iri tangazo yonyine agomba kuba yagejejwe mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Nyamirambo bitarenze tariki 04 Ukuboza 2026, saa yine (10h00) z'igitondo.

Gufungurira amabahasha mu ruhame bizakorwa kuri uwo munsi saa yine n'iminota mirongo itatu (10h30) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Nyamirambo, byitabirwe na ba rwiyemezamirimo banditse basaba isoko cyangwa ababahagarariye.

Abazapiganira isoko ryo gukusanya no gutwara ibishingwe byo mu ngo bazasura ahazakorerwa imirimo ku itariki 18 Ugushyingo 2026 saa yine (10h00), bahagurukire ku Murenge wa Nyamirambo.

Bikorewe i Nyamirambo, kuwa 03 Ugushyingo 2026

UFITEYEZU Jean Damascène
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyamirambo

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

- HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Sosiyete ishamikiye kuri Kaminuza y' u Rwanda; **UR-HOLDINGS GROUP LTD**, iramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko ishaka kugurisha mu cyamunara ibikoresho bitagikoreshwa bigizwe ahanini n'ibikoresho byo mu biro no mu mashuri bigizwe n'intebe, aseza n'ameza, **(Chairs, sofas, tables and filling cabinets)**, Ibitanda bikoze mu byuma **(metal beds)**, Inzugi zikoze mu mbaho **(Wooden Doors)**, ibyuma bishaje **(Metallic Scraps)**, Imbaho zishaje **(Wooden Scraps)**, Purasitike zishaje **(Plastic Scraps)**, Ibikoresho by'ubwubatsi bitandukanye **(Assorted construction materials)**, Ibikoresho bya polonberi byakoreshejwe **(Used plumbing appliances and accessories)**, Imashini zitanga umushanyarazi **(Power Generators)**, Matela zakoreshejwe **(Used mattresses)**, Amapine y'imodoka **(Vehicle tyres)**, Bateri zakoreshejwe **(Used batteries)**, Ibikoresho byifashishwa mu kuzimya inkongi y'umuriro **(Fire extinguishers)**, Ibikoresho bikoreshwa kwa muganga **(Medical equipment)**, Imashini zimesa **(Washing Machine)**, **'Air compressors'**, **Amagare akorehwa n'abafite ubumuga (Wheelchairs)**, n'ibindi bikoresho bitandukanye.

Urutonde rurambuye rw'ibikoresho byose bigurishwa muri icyi cyamunara, aho bihererey e n'ingano yabyo biboneka ku rubuga rwa Kaminuza y'u Rwanda (UR Website).

Ibyo bikoresho bihereereye ku **mashami ya Kaminuza y'u Rwanda ariyo: UR Huye Campus, UR Busogo Campus, UR Nyarugenge Campus, UR Gikondo Campus ndetse no ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group** LTD

Cyamunara (Public Auction) izakorwa biciye mu buryo bw'ipiganwa bukoresheje amabahasha afunze (Bidding through sealed envelopes).

Gusura ibyo bikoresho aho biherereye biteganyijwe mu minsi y'akazi guhera kuwa **Mbere, taliki ya 16 Ugushyingo 2026** kugeza kuwa **Mbere, taliki ya 23 Ugushyingo 2026, guhera saa yine za mugitondo (10:00AM) kugeza saa saa kumi za nimugoroba (16:00).**

Gusoza gutanga amabahasha afunze neza, akubiyemo ingwate y'ipiganwa biteganyijwe kuwa Mbere, taliki ya 23 Ugushyingo 2026 saa 17:00, ku isaha yo mu Rwanda. Amabahasha afunze neza, agaragaza site (s) upigana yapiganiye azatangwa ku cyicaro gikuru cya UR HOLDINGS GROUP LTD, giherereye mu ishami rya Kaminuza y'u Rwanda, rya Nyarugenge (UR Nyarugenge Campus), mu nyubako ya Ikaze (Ikaze Building), etaji ya mbere (1st floor), umuryango wa 105 (Logistics Office).

Ibiciro bya buri site bitangwa mw'ibahasha yabyo yihariye, bivuze ko site 1 igira ibahasha 1.

Cyamunara iteganyijwe ku mataliki akurikira:

- **Taliki ya 24 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Huye (UR Huye Campus).
- **Taliki ya 25 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Busogo (UR Busogo Campus)
- **Taliki ya 26 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Nyarugenge (UR Nyarugenge Campus) hamwe n'ibikoresho biherereye ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group Ltd.
- **Taliki ya 27 Ugushyingo guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM)**: Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Gikondo (UR Gikondo Campus).
- **Taliki ya 30 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho biherereye ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group Ltd.

Icyitonderwa: Cyamunara yose izabera ku cyicaro gikuru cya Kaminuza y'u Rwanda (UR Head Office) giherereye I Nyarugenge (KN 75 Street)

Abifuza ibindi bisobanuro ndetse n'amabwiriza bigendanye n'icyi cyamunara, barasabwa gusura urubuga rwa Kaminuza y'u Rwanda (UR Website) arirwo: **https://ur.ac.rw** banyuze ahanditse **''Announcements''.**

Murakoze

Bikorewe I Kigali kuwa 12 Ugushyingo 2026

Narcisse MUGESERA
Umuyobozi Mukuru (CEO)
UR Holdings Group Ltd

ITANGAZO

Me Kamali Jean Paul — HUISSIER PROFESSIONNEL DE JUSTICE

INYANDIKO MVUGO IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA

Umwaka wa 2026, ukwezi kwa 11, umunsi wa 10

Twebwe Me KAMALI Jean Paul, umuhesha w'inkiko w'umwuga, ukorera mu karere ka Gasabo,

Tubisabwe na MUKOMBOZI Emmy,

Nshingiye ku Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Mu ngingo yaryo ya 148,

Nshingiye ku rubanza rubanza RC 00387/2024/TGI/NYGE rwaciwe n'urukiko rwisumbuye rwa Nyarugenge kuwa 27/07/2026,

Menyesheje NYIRABIZEYIMANA Olive imikirize y'urubanza RC 00387/2024/TGI/NYGE rwaciwe n'urukiko rwisumbuye rwa Nyarugenge kuwa 27/07/2026, yarezerwemo na NGENDAHIMANA George Prince na NGENDAHIMANA Erneste.

NB : Imikirize y'urubanza twavuze haruguru murayisanga muri kopi y'arwo iri ku mugereka wiyi nyandiko.

Me KAMALI Jean Paul
Umuhesha w'inkiko w'umwuga

Umunyeshejwe :

- **NYIRABIZEYIMANA Olive**

Me KAMALI Jean Paul, TEL :+250788771523 , Kigali ,Rwanda, Gasabo District, Remera Sector email : kjeau62@gmail.com; kjeau006@yahoo.fr Page 1

ITANGAZO

Republika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

URUKIKO RW'UBUJURIRE

ITEGEKO N°...../2026/CA RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KWITABIRA INAMA NTEGURARUBANZA

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itandatu **(2026),** umunsi wa **10** w'ukwezi k'**Ugushyingo**;

Twebwe **RUKUNDAKUVUGA François Régis**, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na **UWANTEGE Yvette**, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko urubanza **N° RCOMAA 00037/2026/CA**, haburana GAKWAYA Aloys na EQUITY BANK RWANDA Plc, NDATINYA Vedaste n'Ikigo cy'Ighugu Gishinzwe Ubutaka ruzakorerwa inama ntegurarubanza ku wa **17/01/2027** saa yine **(10H00);**

Tumaze kubona ko **NDATINYA Vedaste** adafite aho abarizwa hazwi mu Rwanda cyangwa mu mahanga;

Dushingiye ku ngingo za **26 ibika bya1-3,45,46,** n'iya **49 igika cya 2** z'Itegeko **N° 22/2018** ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

Dutegetse ko ihamagara rya **NDATINYA Vedaste** rimanikwa ku Rukiko rw'Ubujurire ahagenewe kumanikwa amatangazo. Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'amezi abiri (2);

Kopi y'iri hamagara azayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ubujurire.

Iri Tegeko ritangajwe mu kinyamakuru : **IMVAHO NSHYA**

Bikorewe mu biro byacu ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

Digitally signed by COA(President of COA)
Date: 2026.11.11 14:16:05 +02'00'

Date: 2026.11.11 15:19:22 +02'00'

RUKUNDAKUVUGA Francois Régis
Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire

UWANTEGE Yvette
Umwanditsi Mukuru

Hatangajwe inzira za Tour du Rwanda 2027 ifite umwihariko udasanzwe



Hatangajwe inzira za Tour du Rwanda 207 aho iherekezwa n'amasiganwa atatu ku nshuro ya mbere

SHEMA Ivan

Ishyirahamwe ry'Umukino wo gusiganwa ku magare mu Rwanda (FERWACY) ryatangaje inzira zizakoreshwa mu Isiganwa Mpuzamahanga ry'Amagare rizenguruka u Rwanda, Tour du Rwanda 2027, ryahawe umwihariko wo guhuzwa n'amasiganwa atatu mu minsi umunani.

Izi nzira zatangajwe ku wa 20 Ugushyingo 2026 binyuze mu gikorwa cyiswe 'Rwanda Cycling Day 2026', cyitabiriwe n'abakinnyi, abafatanyabikorwa n'abandi bafite aho bahuriye n'umukino w'amagare mu Rwanda.

Iri siganwa rigiye gukinwa ku nshuro ya 19 kuva ryaba mpuzamahanga, ndetse n'inshuro ya cyenda kuva rizamuwe mu ntera rigashyirwa ku rwego rwa 2,1.

Perezida wa FERWACY, Ishimwe Nkurayija Hubert, yagaragaje ko Tour du Rwanda izaba mu buryo bwihariye aho ku nshuro ya mbere mu minsi umunani hateganyijwemo amasiganwa atatu atandukanye.



Inzira za Tour du Rwanda uyu mwaka zifite umwihariko

Ayo masiganwa azatangira ku wa 19 Gashyantare 2027, hakinwa isiganwa rya mbere rya 'One Day Classic', rizahera i Gicumbi rijya i Nyamata, ku ntera y'ibilometero 111. Ku wa 20 Gashyantare hazaba umunsi w'ikiruhuko.

Tour du Rwanda izatangirira i Rukomo yerekeza i Rwamagana ku wa 21 Gashyantare, bucyeye bwaho ihaguruke i Kigali yerekeza i Musanze ku ntera y'ibilometero 134,8.

Agace ka gatatu ni Musanze – Rubavu ku ntera y'ibilometero 119,6 km, aho kazakurikirwa na Rubavu – Muhanga ku ntera y'ibilometero 138.

Agace ka gatanu kazakinwa tariki ya 25 Gashyantare, kazenguruka mu Majyepfo ndetse kagasorezwa i Huye ku ntera y'ibilometero 84,1 mu gihe agace ka gatandatu ari Huye-Kigali ku ntera y'ibilometero 173.

Nyuma y'iri siganwa, ku wa 27 Gashyantare hazakinwa isiganwa rya kabiri rya 'One Day Classic', rizazenguruka Umujyi wa Kigali ku ntera y'ibilometero 118.

Undi mwihariko wa Tour du Rwanda 2027 hazatangwa igikombe kizahabwa uwegukanye Tour du Rwanda, ikirango gishya cy'iri Shyirahamwe n'icyerekezo cy'imyaka 10 cy'iterambere ry'umukino w'amagare mu Rwanda.

Isiganwa ry'uyu mwaka rizitabirwa n'amakipe y'ibihugu, akina amasiganwa yo ku migabane ndetse n'amakipe akina amasiganwa akomeye ku Isi (World Tour).

Amakipe y'ibihugu azaba arimo u Rwanda, Eritrea na Uganda mu gihe amakipe akina amasiganwa yo ku migabane ari Benediction Banafrica Team (Rwanda), Bike Aid (u Budage), Terengganu Cycling Team (Malaysia), Rembe-Rad-Net Pro CT (u Budage) na Tshenolo Pro Cycling Team (Afurika y'Epfo).

Amakipe ya World Tour ni Netcompany Ineos (u Bwongereza), Red Bull-BORA (Australia), NSN (u Busuwisi), Soudal Quick-Step (u Bubiligi), Intermarché-Wanty (u Bubiligi) na Team Picnic–PostNL (u Buholandi).

Abakinnyi bazahatanira amanota 610 muri buri siganwa rya One-Day Classic, mu gihe Tour du Rwanda izatanga amanota 757 ku rwego rwa UCI.'

Irushanwa ry'umwaka ushize ryegukanywe na Moritz Kretschy ukomoka mu Budage nyuma yo gukoresha amasaha 23, iminota umunani n'amasegonda 48.



Tour du Rwanda 2027 igiye gukinwa ku nshuro ya 19 ibaye mpuzamahanga

Imvaho Nshya
Siporo

Nº. E-81 TARIKI 17-23 UGUSHYINGO 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

Rayon Sports yanganyije na APR FC



Issa Djiguiba yishimira igitego yatsinze

SHEMA Ivan

Rayon Sports yanganyije na APR FC igitego 1-1 mu mukino w'umunsi wa cyenda wa Shampiyona y'u Rwanda 2026/27 wabereye muri Stade Amahoro, ku mugoroba wo ku wa Gatandatu, tariki ya 21 Ugushyingo 2026.

Rayon Sports ni yo yatangiye neza umukino ihererekanya neza hagati mu kibuga bidatinze ku munota wa 12 yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Issa Djiguiba ku ishoti rikomeye, umunyezamu Hakizimana Adolphe agerageje kwirambura uruhukira mu izamu.

Mu minota 20, iyi kipe yambara umweru n'ubururu yakomeje gukina neza ishaka igitego cya kabiri binyuze ku ruhande rw'iburyo rwanyuragaho Iradukunda Elie Tatou wari wagoye ubwugarizi bwa APR FC acenga cyane.



APR FC na Rayon Sports zanganyije mu mukino udasamaje



Iradukunda Elie Tatou yagoye cyane APR FC

Mu minota 30, APR FC yongereye imbaraga itangira gusatira ishaka igitego cyo kwishyura harimo umupira Dauda Yussif yahaye Amani Michel, awuteye mu izamu ntiyawuhamya neza awohereza hanze y'izamu.

Byasabye gutegereza ku munota wa 45, ubwo Rutahizamu William Togui, yatsindiraga APR FC igitego cyo kwishyura nyuma yo guhagarara nabi k'ubwugarizi bwa Rayon Sports.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya igitego 1-1.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka Muhoza Daniel asimbura Atisso Kodjo.

Muri iki gice, APR FC yakomeje gukina neza ishaka igitego cya kabiri harimo umupira Memel Dao yatanze mu rubuga rw'amahina, usanga Djibril Ouattara uwushyize ku mutwe ujya hejuru y'izamu.

Ku munota wa 60, APR FC yakoze impinduka Uwiyaremye Fidali na Hakim Kiwanuka, basimbura Amani Michel na Memel Dao.

Mu minota 70, umukino wagabanyije umuvuduko umupira ukinirwa cyane hagati mu kibuga bituma n'uburyo bwo kurema igitego buba buke ku mpande zombi.

Iminota 10 ya nyuma yaranzwe no gusatira kw'amakipe yombi ashaka igitego cy'intsinzi ariko bakagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Umukino warangiye amakipe yombi anganya igitego 1-1. Gikundiro yahise ifata umwanya wa cyenda n'amanota icyenda, mu gihe Ikipe y'Ingabo z'Igihugu yafashe umwanya wa 12 n'amanota umunani.

Rayon Sports yongeye kunanirwa gutsinda APR FC kuva mu 2023.



Abakinnyi ba APR FC bishimira igitego cyo kwishyura